

IKI GIHUGU CYANJYE



Iki gitabo ngituye Kabano John Bosco, Umuvandimwe akaba n'igishirira cya nkongeye kiranyenyegeza kiramvumbika mvamo iki gicaniro muri kotaho. Ubuzima ntibuzima n'ubwe nk'ubwacu twese ntibugira iherezo cyanecyane mumitima y'abadukunda n'abo tugirira akamaro. Reka nkuvuge nk'umwami nti; waratanze. Nka Rugamba nti; ikivi cyawe mbinyujije mur' iki gitabo ndacyushije.

Ngituye kandi mwe mwese mugira ubuntu, urukundo, ubwenge, n'ubutwali. Mukomeze mucigatire iryo tabaza ry'ubumwe, amahoro, n'iterambere. Muririnde imiyaga yose yashaka kuzimya Urwanda.

IKI GIHUGU CYANJYE

- Ngikunde nte?
- Nkivuge nte?
- Ngikorere iki?
- Nkibemo nte?
- Nkirinde nte?

Higa Nivuge

Ndi mureba kure y'imbibi z'amaso,
Mwumva ibivugiwe kumpera,
Ndi mukiza urutozi
Mwana murizi,
Rwoza akabaye icwende,
Ahari amahano sinseka.
Nd'igicaniro cy'urukundo,
Mvumbitsemu ubwenge n'butwali,
Ngukongeye wakaka,
Wagurumana
Ntiwazima,

Ndi Gicaniro.

INCAMACYE

Iki gitabo gishingiye ku igitekerezo kimwe ariko gihambaye, *'igihugu ni, benecyo'*. Gicaniro I, arashaka kumvisha umusomyi ko we, na benecyo bandi bagihuje, aribo gihugu cyabo. Bityo, ntiwakikunda ugisize ngo bishoboke. Ntiwacyanga wisize ngo bishoboke. Ntiwanagikunda utabanje gukunda benecyo bandi mugihuje, ngo bishoboke. Wowe na benecyo bandi mugihuje, ni mwe muhinduka cyo. Nacyo, kigahinduka mwebwe.

Ibyo wikoreye byose, ub'ubikoreye n'igihugu cyawe. Ibyo ukoreye benecyo bandi mugihuje byose, ub'unabikoreye igihugu cyawe. Ubumenyi wungutse n'igihugu cyawe kiba kibwungutse. Ahantu hose ugiye ukagera, n'igihugu cyawe kiba cyahasesekaye. Ikikubayeho cyose, kiba kinabaye kugihugu cyawe. icyo ukoze, nacyo kiba kigikoze. icyo uvuze cyose, nacyo kiba kikivuze. Amakuru yawe kimwe n'aya benecyo bandi mugihuje yose, yaba ameza cyangwa amabi, ninayo y'igihugu cyawe. Mugihe ay'igihugu cyawe, yaba ameza cyangwa amabi, arinayo yawe, ndetse, akaba n'aya

benecyo bandi mugihuje. Bityo, ibibabayeho byose yaba ibyiza cyangwa ibibi, bibabikibayeho nacyo. Ibikibayeho byose, nabyo bikaba bibabayeho mwese. Kuko ari mwe gihugu, nacyo kikaba mwe.

Ikibaye k'umuturage umwe w'igihugu, kiba kibaye kugihugu cyose, ndetse, kiba cya kwiriye kuri benecyo bose. Mugihe ibibaye kugihugu, biba nawe byakubayeho, ndetse byanabaye kuri benecyo bandi bose mugihuje.

Ntago igihugu giterimbere, cyangwa ngo gisubir' inyuma, haterimbere cyangwa hagasubir' inyuma benecyo, wowe n'abandi bose mugihuje. Ntago igihugu gicyena cyangwa ngo gikire, hacyena cyangwa hagakira benecyo. Ntago igihugu gihinduka igihangange cyangwa intsina ngufi, hahinduka ibihangange cyangwa intsina ngufi benecyo. Wowe n'abandi bose mugihuje.

Umuturage ushaka gutezimbere igihugu cye, yiheraho akitezimbere. Iyo bibaye akarusho akaba intwali, ashingira kubikorwa bye bimaze kwera imbuto akagirira benecyo bandi bahuje igihugu

akamaro. Akabaremera, akabagoboka, akabagabira, akabater' ingabo mubitugu nabo bagashinga, imibereho yabo ikamera imizi, ibikorwa byabo nabyo bikera imbuto.

Bityo rero, ushaka kucyubaka arabanza akiyubaka, yamara gukabya inzozu ze akubura amaso agatiza amaboko n'umulindi benecyo bandi bahuje igihugu, nabo bagakabya izabo nzozu. Kuko inzozu zawe n'iza benecyo bandi mugihuje, ari zo z'igihugu cyawe.

Igihugu ni wowe, mwenecyo na benecyo bandi mugihuje; n'umubyeyi, umuvandimwe, umuturanyi, uwo mukorana, uwo muhurira munzira, uwo mwigana, uwo mubana, uwo muhahirana, uwo muyoborana, n'uwo muhujye umuco, intego, ubutaka, amaraso n'amateka aho mwahurira hose.

Aho uzajya ubona benecyo muhujye igihugu hose, ujye umenya ko aricyo ubonye. Aho uzajya ubumva hose, ujye umenya ko aricyo wumvishe. Aho uzajya ufatanyaga na benecyo mugihujye hose, ujye wibuka ko aricyo mufatanyije. Ibi bigutere guhuza nabo,

ushishikarire gusobanura ibibasobanya vuba na bwangu, kuko icyo mupfana iteka kiruta icyo mupfa.

Aka ya ndirimbo, abana b'iwanyu ujj' ubabona ubamenye, ubarembuze ubasekere, ubegere muganire, ubunganire – abakuri kure kimwe n'abo muhuye bwambere, ubatumire musangire, mutaramwe mwizihirwe. Musumbyeho musabane mujj' inama, mushyingirane, mugabirane, mwifurizanye ishya n'ihirwe mubyo mukora byose.

Igihugu ni wowe na benecyo mugihuje. Bityo, uzirikane k'ugicaho burimunsi iyo baguciyeho. Iyo winjiye mw'isoko nicyo kiba kinjiye, bakwakira kikaba aricyo bakiriye, kikanaba aricyo kikwakiriye, wagura kikaba aricyo kiguze, wagurisha kikaba aricyo kigurishije. Iyo ushoye imali mubucuruzi, nicyo kiba kiyishoye, iyo wungutse nicyo kiba cyungutse, iyo uhombye nicyo kiba gihombye, kuko ari wowe gihugu nacyo kikaba wowe.

Byemere, ubyakire kandi ubikomeze mummyumvire n'imibereho yawe, k'uburyo aho uzajya ubona

benecyo hose muhuje igihugu, ujoy' ugira uti; *'ngiki', 'ngicyo', 'ngikiriya'*.

Kuva ubu, uzongera kukubaza ati; *'igihugu n'iki?'*
Ujoy' umusubiza uti; *'ni njye, ni wowe, ni benecyo bose bagihuje m'urugendo rw'iterambere'*.

IGICE CYA 1

NGIKUNDE NTE?

Banza Wikunde

Wakunda ute uwakure usize ukuri hafi, urwo rwaba ari rukundo ki? Byaba se ari ka gakungu kagutera kwishinga iby'abandi ibyawe birangaye? Cyangwa ari bwa bupfapfa bw'umupfayongo bumutera guta urwo yambaye akibona isha itamba? Urukundo rwiza, y'aba urw' ukunda igihugu cyawe, cyangwa abandi bantu rushibuka mumizi rwameze mubuzima bwawe, rugakura rukera imbuto abandi bashobora gusoroma.

Kubanza ukikunda, bisobanuye kubanza ukimenya, ugasobanukirwa imiterere, imitekerereze n'amarangamutima byawe. Ukamenya iby'ucyeneye udafite, ibigufitiye akamaro ukwiye gukomeraho, n'ibyaguhungabanya ukwiye kwirinda. Ubu nibwo bumenyi fatizo ushingiraho wubaka ubuzima bwawe. Ni nabyo kwikunda kwiza, bikanabimburira urukundo ukunda abandi, cyangwa igihugu cyawe.

Nguko ujya gukunda igihugu yiheraho akikunda, agater' uburezi ariko akabwibanza. Nka ya nka ijya kurisha igahera k'urugo (bitari bya bindi

by'ubusambo no kwikubira, kurya utwawe ukarya n'utw'abandi).

Utikunze ngo wiyiteho muburyo bugaragarira buri wese, byagora n'abandi kugukunda. Kuko utaba wagaragaje iby'ushaka, iby'ucyeneye, n'ibyo wifuzaga, ngo bibere abandi urugero rwiza n'ikaze ribaha uburenganzira bwo kukugaragariza urukundo ukwiye.

Kwikunda byiza n'ibituma wimenya ukanabasha gusobanurira abandi uw'uriwe, kugirango hatwo batakwibeshyaho, amagambo n'ibikorwa byabo bikabusanya n'imimerere yawe.

Uwikunze kandi ashira imbaraga mugutezimbere impano ze, kuko ziba zishingiye mubushobozi bwe kamere, ndetse no mubyo akunda yishimira. Bityo rero, uko wuhira ukanabagarira igiti k'impano zawe niko n'abandi benecyo muhuje igihugu barya kumbuto zacyo iyo zeze. Uko uterimbere mubuzima bwawe, ninako ub'uri gutiza umurindi benecyo bandi muhuje igihugu, ukabatera

imbaraga zo kwifuza ibyiza no gukomera nkawe, bakanasumbyaho.

Kunda Benecyo

Umunyarwanda ati; *'inshuti yawe ya hafi ikurutira umuvandimwe wa kure'*. Kuko umuntu mwiza ukuri hafi niwe ukuramira utsikiye, akagutsindagiza ucumbagira wasitaye, akaguha umubyigizi mukazi ukora, akanakuzirikana mubyo muhuriyeho bigufitiye akamaro. Imfura nk'iyi ikuri hafi, ya kuremera, ya gutabara, ikananyuzamo ikagusetse ikagusekera, ugasusuruka mugahuza urugwiro. Uko bibaye ngombwa, mukajya inama mukungurana ibitekerezo byubaka.

Niyo mpamvu ugomba gukunda benecyo bakwegereye (abo mukorana, abo mu muryango wawe, abaturanyi bawe n'abo uhura nabo munzira ugenda). Ujye unazirikana benecyo bandi bakuri kure, niyo yaba ari hakurya y'inyanja. Ubakunde utababona, ubakunde utabumva, ubakunde utabaheruka, ubakunde gusa kuko ari benewanyu. Unabakundire ko nubwo babiba mubutaka

bw'ayandi mahanga, basarura bohereza iwabo. Urukundo nk'uru ni rwiza cyane, nirwo rutuma igihugu gitekana, kigaterimbere.

Igihugu n'abantu bakigize, bakitwa benecyo. Ugikunda, nibo ab'akunze. Ubanze, nicyo abayanze. Ugiriye neza benecyo, ab'akigiriye neza. Unyuzwe na benecyo, nacyo kiba kimunyuze. Yabatega amatwi, yabakirana yombi, yabatumira bagasangira bagasabana, akaba aricyo agiriye neza.

Ntago umucuruzi yavuga ko akunda igihugu cye, ngo narangiza umunzani akoresha apima awibeho ikilo kimwe. Bivuze ko buri mukiliya wese amwibaho cya kilo kimwe kubyo aguze byose. None wagikunda ute kandi wiba benecyo? Ntibishoboka!

Ntago umwalimu yakigisha nabi abanyeshuli, ngo asibe kenshi, adategura neza ibyo yigisha, bigatuma abanyeshuli batagira ubumenyi n'uburere bwuje ireme, kandi ngo nawe ahagarare yemye mubakunda igihugu. Ate se?

Ntiwakanga kwishyura amadeni wagujije muri benecyo muhuje igihugu – uguhindura amayira wirinda guhura n’abakugurije, cyangwa ukimuka aho bakuzi wirengagije ko ayo bakugurije uyacyeneye bayakwishyuzwa nabo bayacyeneye, kandi ngo nawe urenzeho uvuge ko ukunda igihugu. Ute se?

Ntakuntu waba ukora akazi ushinzwe biguruntege, usigana mukwawe, abakugana utabakirana yombi bikagera aho bibasaba kuguha ruswa kugirango ukunde ubakorere ibyo uhemberwa, kandi ngo nawe ugaragare mubakunda igihugu. Gute se?

Niba ur’umwe muri babahanya b’abatindi bo kanyagwa, bafata abana n’abagore kungufu bakabasambanya, cyangwa ukaba umwe muri za mburamutima zicuruza abantu, zikabahindura abacakara zikabakoresha akuburetwa, woweho ntugikunda nabusa, ahuwo ucyanga urunuka.

Ntakuntu waba ukorana na za mburagasani zidahwema gushaka icyahungabanya ituze

n'iterambere rya benecyo, kandi ngo nawe umanike mubagikunda. Ntiwateza benecyo akajagali n'akaduruvayo, umwiryane n'inzara, kandi ngo nawe ub'ukunda igihugu muhujе. Gute se?

Ujy' uhoza k'umutima wawe ko ibyo ukoreye mwene cyo umwe gusa, byaba byiza cyangwa bibi, ub'unabikoreye benecyo bandi bose, ndetse, ub'unabikoze n'igihugu muhujе.

Vuga Ururimi Rwacyo

Ururimi rw'igihugu ruba ruhishemo amateka yacyo, imibereho yacyo, ubwenge n'ubuzima bwite bwacyo. Imikoranire myiza ya benecyo ishingira mu bwumvikane bwabo, mugihe ubwumvikane bwabo bwo bushingira mu mwimerere w'ururimi bakoresha iyo bahuza urugwiro n'ibitekerezo, iyo bajy'inama, cyangwa baganira. Bityo rero, ntiwakunda igihugu ngo unanirwe kuvuga ururimi rwacyo. Unaniwe kuruvuga, ntiwashobora guhuza na benecyo.

Ntiwatahiriza umugozi umwe n'abantu mutavuga rumwe. Bibaye bityo, wajy' ushyira aho bakuye,

cyangwa ugakura aho bashyize. Imibanire yawe nabo yasobana, ikajya ihora icyeneye gusobanurwa.

Abo mudahuza ururimi biragoye kugira ikindi muhurizaho. Kubisanzuraho biravuna, gusabana no gutaramana nabo, bikaba ingorabahizi. Niyo mpamvu uvuga urwo batumva, ntiyumve urwo bavuga, uwo ntiyabana nabo. Ntibamushira amacyenga, ntacyo yakorana nabo ngo kirame.

Ifuni ibagara ubushuti s'akarenge gusa, nino guhuza ururimi. Wacudika ute n'umuntu mutumvikana? Ukubwira ntiwumve, wa mubwira ntiyumve? Uko abantu barushaho kuvuga indimi zitandukanye, n'izo bahuriyeho bakazivuga basobanya, niko imibanire yabo irushaho kuzamo urwijiji n'urwicyekwe, hagakurikiraho kwironda bakurikije uko bumvikana.

Kuvuga ururimi rw'igihugu cyawe, bikwibutsa uw'uri we, aho ukomoka, n'abo mufitanye isano munahuje imibereho. Bihinduka kandi icyimenyetso cy'urukundo ukunda igihugu cyawe na benecyo

bandi mugihuje, n'umuhate wawe mugukomeza kugerageza kubana nabo neza.

Benecyo bose, cyanecyane abari mumahanga, cyangwa igihe bari kumwe n'abanyamahanga, bababagomba gukoresha amahirwe yose babonye bakavuga ururimi rwabo. Kuvuga ururimi rwawe imbere y'abanyamahanga, nicyo kintu cya mbere kiguhesha agaciro mumaso yabo. Bituma bumva bari kumwe n'undi muntu w'ahandi hantu, umuntu ufite icyo ashobora kuba azi batazi, umuntu ushobora kuba afite imbaraga badafite, bikabatera amatsiko bakakubona nk'umuntu bakungukiraho byinshi.

Iyo abanyamahanga bumvise uvuga ururimi rwabo, bahita batakaza amatsiko yo kukumenya byimbitse. Mubitekerezo byabo, bahita bibwira ko udafite umwimerere, cyangwa umwihariko nk'uwabo. Bityo, ugahita utakaza agaciro mu myumvire yabo.

N'ingenzi ko mubiganiro ugirana n'abanyamahanga, cyangwa igihe uri mumaso yabo, ugomba kuvuga ururimi rwawe kavukire,

urw'igihugu cyawe, rwarundi usangiye na benecyo bandi mugihuje. Nibiba ngombwa, ujj' ubanza ubabwire mururimi rwawe, hanyuma ubasemurire ibyo uvuze mururimi bumva, cyangwa ushake undi muntu abasemurire.

Abayobozi bose b'igihugu cyawe, bagomba kumenya no kuvuga neza ururimi rw'igihugu cyabo. Igihe cyose bari mumahanga, cyangwa imbere y'abanyamahanga, bagomba kuvuga no kuganira mururimi rw'igihugu cyabo, abatarwumva bagasemurirwa.

Ibihugu bikomeye byose, ntamuyobozi wabyo ushobora kuvuga ururimi rutari urw'iwabo. Kuko ariho agaciro kambere k'ibihugu byabo kumvikanira. Babashaka kugaragaza ko bigenga, ko batewe ishema n'ibihugu byabo, kandi ko inyungu z'ibihugu byabo, arizo bashyize imbere y'ibindi byose.

Kigomba kuzira k'umuyobozi uri kuganira na benecyo bavanze n'abanyamahanga, yabwira abanyamahanga mururimi rwabo bumva, hanyuma

benecyo akaba aribo basemurirwa. Aba atesheje agaciro benecyo, na we ubwe, n'igihugu bahuje. Ntibikabe.

Mu inama mpuzamahanga, umuyobozi utanze ijambo mururimi rw'amahanga ab'atesheje agaciro ururimi rw'igihugu cye, ndetse, ab'anaciye intege benecyo bandi bahuje igihugu baruvuga buri muni. Haba ari mumahanga iyo kure, cyangwa imbere mugihugu, ijambo ry'abayobozi b'igihugu, yaba abo munzego zibanze kugeza ibukuru, rigomba kuba riri mururimi benecyo bahuriyeho.

Iteka ujj' uzirikana ko ururimi rwose uvuze, ub'uri kwamamaza igihugu rukomokamo no gukundisha abakumva icyo gihugu n'imico ya benecyo. Ururimi rutera abarwumva kunyurwa n'aho rukomoka no kwishimira abahakomoka. Ururimi kandi ruvuzwe cyane rutera abarwumva kwifuza kujya aho rukomoka, no guhura na banyirarwo bakibanira. Iyi n'imwe mu mpamvu abanyafurika benshi bahorana inzozo zo kujya muburayi, n'ahandi nkaho. Ndetse, ben'abo iyo babonye abanyaburayi bumva

bishimye cyane, kabone nubwo ntacyo babababahaye.

Urwo uvuga rero rurabe urwawe, ntirukabe urw'abanyamahanga. Ntukabamamarize batarakwishyuye.

Kunda Ibihangano Bya Benecyo

Ni gute wumva indirimbo z'amahanga ijana, utarumva n'imwe ya hanzwe na benecyo muhuje igihugu? Ni gute usoma ibitabo icumi, utarabumbura na kimwe cyanditswe na mwenecyo muhuje igihugu? Urwo rwaba ari rukundo nyabaki rugutera gusumbisha iby'iwanyu iby'ahandi?

Iwawe ntukahamanike umutako w'ubugeni wa kabili, utarahamanika n'umwe washushanyijwe na mwenecyo muhuje igihugu. Ntukambare imyambalo yadozwe n'abanyamahanga ngo icyumweru gishire utaraseruka mummyambalo ya dozwe na benecyo muhuje igihugu.

Ntukajye murugendo inshuro zirenze eshatu, utarambaraho na rimwe inkweto zakozwe na benecyo mugihuje. Imikufi 2 wambeye, byibura umwe muriyo ujye uba warakozwe n'abanyabugeni b'igihugu cyawe. Aho bishoboka hose, uk'ubishoboye kwose, ujye ushyir'imbere ibihangano, ibicuruzwa, n'ibindi bintu byose bikorwa na benecyo muhujye igihugu.

Igihugu cyawe kirimo abanyabugeni, abahanzi, n'abanyabukolikoli bafite impano zikomeye. Imyuga yabo niyo bakuramo amaramuko. Igihe cyose mwenecyo ab'akibasha kwitunga, ab'ari gutezimbere benecyo bandi bahuje igihugu nawe urimo; yaba abo akoresha, abo akorana nabo, abo agurira cyangwa agurishaho, abo arangurira cyangwa aranguzaho.

Uko uguze igihangano cyangwa igicuruzwa cya mwenecyo mugihuje, ub'ushyize ibuye k'umusingi w'iterambere rye, ari naryo ry'igihugu cyawe, ari naryo ryawe. Uwo musingi niwo ukomera ukarinda igihugu cyawe ibibazo by'ingutu, ukanongera benecyo imbaraga zo guhangana nabyo.

Menya Amateka Yacyo

No mu mibanire isanzwe ya rubanda, nta muntu ukunda uwo utazi ibye; uko yavutse, uko yabyirutse, iby'akora, iby'akunda, ubumenyi, impano n'ubushobozi afite. Urukundo rushingira k'ubumenyi ufite kucyo ukunda. Kuko icyo utasobanura byoroshye ntuba unagisobanukiwe, kandi icyo udasobanukiwe, ntiwagikunda ngo bishoboke kuko utamenya uko witwara imbere y'ikintu utazi. Ntiwamenya ibyo ukivuga, n'uburyo bwo kubivugamo. Ntiwamenya ibyo ugikorera, n'uburyo bwo kubikoramo. Yewe ntiwanamenya iby'ukifuriza byiza, kuko udasobanukiwe amajya n'amaza yacyo.

Igihugu nacyo n'uko, utabanje kukiva imuzi ngo ukimenye byimbitse, ushobora kwisama wasandaye, wagihemukiye utanabizi. Ushobora kwikanga wakivuze ibinyoma, ibihuha, cyangwa ibinegu utekereza ko uri gusasa inzobe. Ushobora kwisanga wagikoreye amahano, nyamara bambi wowe wumvaga wahize abandi ubutwali. Nkayantamenya, nawe ushobora kwisanga uririye k'umuziro. Ngubwo ubujiji.

Utaramenya igihugu cyeye, wenda we ab'akirimo ariko cyo ntikiba kimurimo. icy'utazi nticyakuba muntekerezo, habe no mumutima. N'iyoye kigezemo, ntigitindayo. Amateka y'igihugu cyawe ugomba kuyamenya uyahereye mumizi yacyo, mw'ihangwa n'ishibuka ryacyo. Ukazirikana iteka ko amateka ya benecyo ari nayo y'igihugu cyawe. Mukumenya amateka ya benecyo, ugomba guhera kumateka ya benecyo babaye mugihugu bwa mbere; uko bari babayeho, uko babanaga, ibibazo bahuraga nabyo n'uko baje kwaguka yaba muntekerezo zabo, umutima, n'imibereho yabo.

Ugomba kandi kumenya uko inkiko z'igihugu cyawe zaje kwaguka, ababigizemo uruhare, impamvu n'uburyo babigenje. Ugakomeza ukagera mubuzima bwacyo bwa none.

Mugutara no kumenya amakuru n'amateka y'igihugu cyawe, ntuba ugomba kurobanura, ngo uyagosore usimbiza usunikira hasi ibitanyura amarangamutima yawe, kuko ubwo waba ugiye

kumenya iby’iwanyu mukuli kutaca muziko ntigushye.

Kuki wakishisha ibibi byabaye mu mateka y’igihugu cyawe, kandi kubimenya ari kimwe mu bisubizo byo gucyemura ibyo bibazo no kubikumira ngo ahato bitazasubira bikabaho ukundi, byanayingayinga bizura umugara, bikagusanga ubyiteguye?

Kumenya amateka y’igihugu cyawe byagura amahitamo yawe, bikanakorohereza gufata ibyemezo byiza bikibereye, kuko imyumvire yawe y’ibigifitiye akamaro iba yagutse inafite ishingiro mubuzima bwacyo bw’ibihe byose.

Ubahiriza Umuco Mwiza Wacyo

Umuco n’urusobe rw’uburyo bw’imitekerereze, imyumvire, imivugire, imikorere, imibanire n’imibereho ya benecyo igamiye gutezimbere, kuramira no gusigasira ubuzima bwabo. Icyitonderwa; imico mibi ntago ari umuco. Ahubwo uko benecyo baretse iyo mico mibi bakayisiga

inyuma, niko umuco wabo ukura, ukaguka ukaganza.

Uko benecyo baterimbere, niko bagenda basiga inyuma imico mibi, ndetse, munzira bakanunguka ubundi buryo bwiza bw'imitekerereze, imivugire, imikorere, imibanire n'imibereho byiza byo bikajya mu mucu wabo. Ntibivuze ko muri benecyo bahuje igihugu hatarimo bacye bagumya gusigarana, ndetse bakanadukana imico mibi. Ben'abo bagomba gucyahwa, bagahugurwa bakagororwa, bagahanwa, byabangombwa murwego rwo kuramira benshi, bakagaruzwa umuheto. Benecyo bimakaza imico mibi ntibaba bakunda igihugu, babaye benshi byaba ibya kagahugu kabura umuco kagacika. Ntibikabe.

Umuco mwiza mubantu n'ubafasha kubana neza, guterimbere, kwizigamira no gusigasira ibyo batunze, kwitunga, no kwigira. Unabafasha gushingira imibereho yabo ya buriminsi mu bwenge, imbaraga n'ubusabane. Imico yindi yose ihabanye n'uwo, ibar'intenge zigomba

gushwirashwizwa, zikamaganwa, zikirindwa uko bucyeye n’uko bwije.

Umuco mwiza utera benewo kwamagana ikibi cyose, kuko bitabaye ibyo byaba ari ukugishyigikira. Nikoko, n’ukuli, ibyo utamaganye weruye uba ubishyigikiye bucece. Kandi uvuga ikibi atari kucyamagana, burya ab’ari kucyamamaza. NK’uko utakibeshya wegera umwanzi wawe ngo mwicarane mwembi, ngo musangire, ngo mutarame, ngo mwizihirwe mugabirane, ninako ugomba kwirinda kwegerana n’abantu bose bimakaje ikibi. Bitabaye ibyo, nawe wab’uri kubafasha kugikwirakwiza.

Iyo benecyo badafite umuco mwiza bacika intege, bakazima bakazimira, bagahinduka abagaragu iwabo, bagahakwa n’abanyamahanga imyaka amagana.

Umuco mwiza ukwiye benecyo ushingira mubintu bitatu; Ubwenge, Urukundo, n’imbaraga.

Urugero;

Kubahiriza igihe; na cyera na kare, aho imfura zisezeraniye niho zihurira.

Ubunyangamugayo; unaniwe kugira ubupfura, ahinduka ya hene mbi iziritse mu nziza.

Kwigira; guharanira kwitunga, no kwibeshaho. Gusabiriza biragatsindwa n'Imana y'Irwanza.

Ubworoherane; ubuzima kuri benshi buhora ar'ihurizo batabasha gusobanura, kuborohera aho byakomeye biri mubibafasha kurushaho kubusobanukirwa.

Guhama kirazira; hari imico ib'itemewe, kuko idafitiye umuryango mugari w'abanyarwanda akamaro, bikaba ngombwa ko iteshwa agaciro kugirango bizamure agaciro k'abanyarwanda. Imico mibi yose, aho iva ikagera, ib'ari ikizira.

Ubwuzuzanye, iterambere, n'umunezero mumuryango; Umuryango nyarwanda ushingira k'umugore, n'umugabo. Aho niho hava ababyeyi, abavandimwe, ababyara, ba marume, ba nyirasenge, ba nyogokuru, ba sogokuru, n'abandi bagize umuryango wagutse. Ibindi byose bitari ibi, n'ishyano, n'akaga katugarika twese tugashira.

Ikizira cyose ntukagikore, ntukakivuge, yewe ntukanacyikoze. Nikigutera mubitekerezo byawe, cyangwa mumarangamutima yawe, ujoy' ugitesha ntikikahatinde. Uramenye ntuzacyimike, kitazaguhaka, kikakugaraguza agati, kakakuriza katakuruta boshye uri iduri.

Ubahiriza Amahame Meza Yacyo

Igihugu nticyatekana ngo kibashe guterimbere, benecyo bagiteza akajagari, akavuyo, n'akaduruvayo. Benecyo bagomba kugira uruhare mwishyirwa mubikorwa ry'amabwiriza n'amategeko agenga imibereho, imibanire, n'imikorere yabo mugihugu cyabo.

Kugirango birusheho kuba byiza, benecyo nibo bagomba gufata iyambere mukubahiriza no gukurikiza ayo mabwiriza n'amategeko abagenga, ndetse, aho bibaye ngombwa bagashishikariza benecyo bandi kubahiriza uwo murongo ngenderwaho hibandwa k'unyungu rusange za benecyo bose bahuje igihugu.

Mu muryango mugari w'abantu, umuntu wese ab'agomba kwibutsa undi mugihe yibagiwe iby'ingenzi, ab'agomba kumucyebura mugihe yatanye, ndetse, byanabangombwa akamufasha kubahiriza y'amabwiriza n'amategeko meza agenga imibereho yabo ya buri muni.

Benecyo bose bagomba kumenya ko iyo umwe muribo atubahirije umurongo mwiza bahuriyeho bose, bibagiraho ingaruka bose icyarimwe, mugihe cya hafi cyangwa icya kure, muburyo buziguye cyangwa buzimije. Niko kuvamo umwe, bagashira.

IGICE CYA 2

NKIVUGE NTE?

Ntukakivuge Amabi Ameza Ahari

Nkuko utahagarara kugasozi ngo urangurure ijwi ryawe wituka, winenga, winnyega ntuzanagahagarareho ng'urangurure ijwi ryawe utuka, unenga, unnyega igihugu cyawe. Iby'udashobora kwivuga kukarubanda, ntukanabivuge igihugu cyawe kukarubanda. Ibibi udashobora kwivuga mw'iteraniro ry'abantu, ntukanabivuge igihugu cyawe kukarubanda.

Uko uzira icyimwaro, ukabaho witwararika ngo wikize abanyagwa babashinyaguzi, ninako ugomba kurinda igihugu cyawe igisebo n'abahanya babashinyaguzi. Uko bikubabaza bagusebeje, rubanda bagutonze bagutondagiye mumvugo zigutesha agaciro, bijye ab'ari nako bikubabaza igihe cyose abanzi b'igihugu cyawe bacyigabije mumvugo nyandagazi.

Igihe uzumva bya kwanze munda ushyushye ushyugumbwa ushaka kugicira mumaso, washyushye washyuhagujwe ushaka kwitukira

igihugu cyawe, nguhize ubutwali uzaruce urumire. N'ukirinze umujinya we, yaba uwo yatewe na benecyo cyangwa abavamahanga, burya nabwo nawe ab'agitabaye.

Kuvuga igihugu cyawe neza ntibivuze kwirengagiza ibibi benecyo bakora, ahubwo n'ukukirinda umugayo wagita murutumva ingoma hamwe umwanzi ashaka. Niko kukiramira kitaragwa ku gasi, mumenyo y'abashinyaguzi.

Benecyo ubwabo, hagati yabo bashobora kukivuga ameza n'amabi ariko bakabikora baziga, bazimiza bagambiriye gusangira ijambo no kumarira impaka mubiganiro bigamiye gutanga ibisubizo birambye.

Menya Abo Ubwira

Ubwira abatamukunda yirinda gukomoza kuntenge ze, kuko abo batindi bazuriraho bakamutondagira bigatinda, bakamuserereza bakamusesereza.

Uvuga igihugu cye nabyo n'uko, iyo acyibwira abatagikunda cyangwa abanyamahanga yirinda

kukivuga amabi, k'uburyo niyo ameza yaba adahari yayahimbira aho akakivuga ubukaka n'ubuhangange wenda kidafite ariko gishobora kugira.

Ibibi byose abanzi bavuga igihugu cyawe, ibyinshi babikura kumagambo benecyo bakivuga mubihe bitandukanye. Ayo magambo kabone nubwo benecyo bababarayavuze bashaka gusobanura ibindi, abo batindi bo bayashingiraho akababera gihamya y'ibyo bagishinja.

Umwanzi azakubeshyere, ariko ntagashingire kumagambo mabi wivuga ngo aguhindure, aguhindurize, aguhindanye. Ibyo byaba bimeze nkaho ya gusanze wisenyera, akagutiza amaboko.

Hitamo Ibyo Ukivuga

Mbere y'ikiganiro icyaricyo cyose, ugomba guhitamo ibyo uribuvuge n'ibyo utari buvuge. Yewe, hari n'igihe n'ibyiza ubyihorera cyangwa ukabivuga uziga, uzimiza bitewe n'abaguteze amatwi abaribo.

Ujye uvuga uziga nk'umwana w'Umunyarwanda. Ibyo ubwira abandi, yaba benecyo cyangwa abanyamahanga bigomba guhwana n'urwego rwabo rw'ubumenyi, ubukure, urukundo cyangwa urwango bafitiye igihugu cyawe.

Ujye uba nka 'mbarimo-mbazi'. Ntihakagire uwo wibeshyaho cyangwa ngo umufate uko atari. Ntihakagire ukwihishaho cyangwa ngo akwihishemo, ngo umwitiranye n'umukunzi, umuturanyi, umufatanyabikorwa cyangwa umusangirangendo k'uburyo byagutera kumumenera ibanga, ukamuberereka ukamubembereza, ukamubisa, ukamuha inzira yacamo akagutera, akagutesha, akaguteshaguza.

Hitamo Igihe Uvugira

Hari igihe bibangombwa ko uruca ukarumira, kabone nubwo waba ufite ibyo uvuga byinshi, hari n'abaguteze yombi amagana. Igihe cyose uzisanga mugaco k'abanzi b'igihugu cyawe ari nabo bawe, byaba byiza uvuze macye, byaba byiza uryumyeho

ntunakopfore, ahubwo ukabangura amatwi, irivuzwe ryose ukarita mo.

Kutavugira mubanzi n'uburyo bukomeye bwo kwirinda, kuko batahuye ko utemeranya nibyo bavuga, bashobora kukwahukira bakakwibasira, bakaguhohotera cyangwa nyuma yaho bakagukurikirana bakaguteza ibibazo.

Hari n'igihe bibangombwa ko utanguranwa ugasobanura iby'igihugu cyawe byavuzwe uko bitari, ibyo abandi bibagiwe cyangwa badashaka kuvuga, n'ibyo bari kuvuga amafuti. Aho uba uruvuganiye, bingana no kurutabara.

Aho kugirango hagire umuntu utahana amakuru yacyo atari impamo kandi bishobora kugira ingaruka ku gihugu cyawe, byaruta uganguranwa ukiha ijambo, ukamusobanurira neza ukuli gukwiye.

Kivuge Imyato n'Ubutwali

Na cyera na kare iy'umunyarwanda yivuga, ahera k'ubuhangange bwe agasoreza k'ubutwali

n'urukundo bye. Iby'intenge ze abirekera abanzi n'abahanya babashinyaguzi. Ntugashidikanye kwivuga cyangwa kuvuga benecyo muhuje igihugu imyato. Ujy' ugarika impanga wikomange mugituza, wirahire ibigwi byawe niby'igihugu cyawe, yaba iby'impamo cyangwa ibiguhora mu nzozu. Bitera umutima wawe kugubwa neza, ugatera utekanye mugituza cyawe.

Igihugu icyaricyo cyose, kabone nubwo cyaba cyarashyizwe muni y'umurongo w'ubucyene, nticyabura ibyiza gifite k'uburyo benecyo babura ibyo bakirata, bakanabyigamba mubandi. Burya kandi, ukivuga ubutwali ntavuga gusa ibyo cyagezeho, anavuga n'ibyo gishaka kandi gishobora kugeraho, ashingiye k'ubuhanga n'impano za benecyo.

Ujy' unyuzamo ahubwo ukivuge n'ibyibagiranye mu mpitagihe byabaye mu mumateka yacyo. Yewe, wongereho n'ibikili mumishinga ya none bizagerwaho mu nzagihe.

Ibitekerezo byacu bifite ukuntu bikurura ibisa nabyo mubuzima bwacu. Niyo mpamvu kwivuga neza, ukavuga igihugu cyawe neza nabyo bifite ukuntu bikurura ibisa n'ibyo ukivuga mu buzima bwa benecyo, ari nabwo bw'igihugu cyawe, bukaba n'ubwawe.

Iyo ibyo bitekerezo byiza benecyo babihuriyeho ari benshi, bidatinze bihinduka impamo, kuko ibikorwa byiza n'amagambo meza bishibuka mubitekerezo byiza.

Kivuganire

Ntaho byabaye, igihugu nti kivugira. Ahubwo, kivugirwa, ndetse kikanavuganirwa na benecyo bagikunda kandi bagikomeyeho. Bityo rero, aho uzasanga rubanda bacyihaye bakivuga ibinyoma, uzagorore ijwi ijabo riguhe ijambo, uvuguruze ibyo binyoma.

Iyo ukivuganira, ibyo uvuga ntibigorana kuko akenshi biba ar'ibivuguruza ibinyoma abanzi bacyo bakivuze. Ikibi cy'amagambo iyo bayakuvuze hakabura uyavuguruza akivugwa ngo ayateshe

agaciro, atangira gufatwa nk'ukuli kabone n'ubwo byaba ar'ibinyoma byambaye ubusa.

Niyo mpamvu ugomba gufata iyambere ukavuganira igihugu cyawe aho bacyivuze imbusane hose.

Muzirikane ko benecyo bose baba ar'abavugizi b'igihugu cyabo. Ndetse, aho bageze hose iyo mu mahanga, nabo bababagihagarariye muburyo butaziguye ariko bw'imena.

Igihe cyose bibaye ngombwa, mwenecyo ab'agomba kukivuganira, akavuguruza amakuru, inyigisho n'ubutumwa bugoreka cyangwa bupfobya amateka ndetse n'amakuru asanzwe y'ubuzima bwa buri muni bw'igihugu cye.

IGICE CYA 3

NGIKORERE IKI?

Iyo Wiyubaka, Nacyo Ub'Ucyubaka.

Icyo wakihutira gukorera abandi utabanje kukikorera kandi ugicyeneye ubwo cyaba ar'igiki? Cyaba iki abandi basaba batakamba, wowe utifuza k'uburyo uharanira kukitambutsa ukakirenda ukakibashyikiriza? Ntacyo. Ibyifuzo bya benecyo bose bijya gusa, kandi babihuriyeho bose. Niyo mpamvu iyo wiyubatse, nabo uba ububatse, kimwe n'igihugu muhuje.

Igihugu n'abantu, ukaba umwe muribo, bivuzeko uramutse witeje imbere, ukamamara ukaba ikirangirire nacyo, nabo byagenda uko. Igihugu kiba aho benecyo bari hose, kikamera uko bameze kwose. Niyo mpamvu ibyo wikoreye byose, nacyo uba ubigikoreye na benecyo bandi bose mugihuje.

Ibihugu bikomeye ku isi ntibyashyitseyo muntambwe imwe gusa. Byateyimbere gacyegacye, buhorobuhoro biba urugendo. Ariko izo ntambwe ibyo bihugu byateraga imbere ntizari iz'imisozi n'ibibaya, inyanja n'imigezi, ibiti

n'amabuye bibigize, ahubwo byari ibirenge bya benecyo bashingaga bigashingura bagaterimbere mu mibereho, mu mikorere, mu myumvire, mu mitekerereze, no mumibanire yabo.

Igihugu nka 'Jyamayika' kiri mubikunzwe ku isi, nyamara s'uko gikize cyangwa cyagutse cyane kurusha ibindi, ahubwo nuko benecyo bakoze ibikorwa birenze ubuzima bwabo bwite bikagira ingaruka nziza no kubandi bantu benshi henshi ku isi.

Umunya'jyamayika' nka 'Bob Marley, Peter Tosh' 'Marcus Garvey' n'abandi nk'abo nibamwe mu banya'jyamayika' bayiteye kwamamara no kunyura imitima ya benshi mubatuye iyi si. Uko abatuye isi bakundaga 'Bob Marley' n'ibihangano bye ninako barushagaho gukunda igihugu cye. Uku niko ibihugu bikundwa cyangwa bikangwa, bimenyekana cyangwa bikibagirana, byose biturutse mu myitwarire n'ibikorwa bya benebyo.

Ibikorwa bya benecyo nibyo bitera igihugu cyabo kwamamara no kumenyekana, gukomera no

gukomeza. Bityo rero, niba ushaka kugira icyo ukorera igihugu cyawe, ntiwirirwe ubunz'imitima ngo ushakire ibisubizo iyo bwabaga. Ahubwo, hera mu buzima bwawe bwite ubukoremo umuganda, urenzeho ubukoremo ibihambaye. Ibyo bitangaza byawe nibyo igihugu cyawe kizashingiraho kigashinga imizi y'iterambere, ubutunzi n'imbereho myiza ya benecyo bigatangaza isi.

Byaza Impano Yawe Umusaruro

Imana y'igihugu ikigabira ibinyujije mumpano benecyo bavukana. Impano yawe ninayo rurema yahaye igihugu cyawe. Kubimenya ukayivumbura, ukayikuza, ukayibyaza umusaruro ikakugirira akamaro bigatuma ubuzima bwawe n'ubw'abandi buba bwiza kurushaho, niyo mpano nawe ub'uhaye igihugu cyawe.

Umusaruro mwiza uvuye mu kubyaza impano yawe ibifite akamaro, uhinduka impano nawe uhayeho igihugu cyawe. Ndetse, ukanaba ariryo shimwe usubije ya Mana yaguhaye ya mpano.

Akenshi nta kintu cya kugirira akamaro ngo birangirire aho gusa bitageze no kubandi. Iyo utetse ugakaranga, n'iyoye umuturanyi wawe utamuhaho, ariko byibura uwo muhumburo umugeraho bikaba byibura nawe byamutera ubushake bwo kuryoshya ibyo atetse.

Impano yawe niba ar'ukuririmba, ririmba kandi uhange indirimbo nziza zitera benecyo imbaraga zo gukomeza kubaho neza. Niba impano yawe ar'uguhanga ibintu bishya, hanga ibintu byagirira abandi akamaro, kabone nubwo cyaba ar'igikwasi cyo guhandura amavunja, cyangwa kikaba umuti wo gusiga mubirenge ukabirinda kunuka.

Icyiza cyose impano yawe yaba igushoboza gukora, gikore kandi ntukakizariremo, ntukakirangarane, ndetse ntukakibemo umunywewe.

Impano yawe nigupfubana ntihagire ikiyivamo gifite akamaro, uzamenyeko uhombeje igihugu cyawe ibyiza byose byari kuyivamo bikakugirira akamaro na benecyo bandi bese mugihuje. Kandi uzamenye ko usebeje na ya Mana yayiguhaye.

Ujy' uzirikanako impano yawe arizo mbaraga wavukanye zigomba kuguha icyerekezo, zikagucira inzira muriy'isi ukagera kure wifuza kandi ukwiriye. Izo mbaraga nizo ziguhesha agaciro mubandi hatitawe aho wavukiye, aho wigiye n'ibyo wize, cyangwa aho utaha bugorobyeye.

Fasha Benecyo Kubyaza Impano Zabo Umusaruro

Ibikomeye wakorera igihugu cyawe s'ibiva mumaboko yawe gusa, ahubwo no gufasha benecyo bandi gukora ibiri mubushobozi bwabo nabyo n'umusanzu ukomeye mw'iterambere ry'igihugu cyawe.

Hari byinshi benecyo bacyeneye ufite wabaha bikabafasha kuvana imishinga yabo mu mvugo bakayishyira mu ngiro, ndetse, n'impano zabo bakazibyaza umusaruro. Ibyo ushoboye gufasha abandi, bikore, vuba, kandi uko bikwiye.

Niba ur'umwalimu, ukwiye gushishikariza abanyeshuli bawe gukunda impano zabo no kuzimulika, bagaharanira iteka kuzibyaza umusaruro kuko icy'umuntu avuka ashoboye akenshi agikora neza kandi byoroshye kurusha icyo yakigira kubandi.

Niba ur'umunyemali, shora imali mu mpano za benecyo, ndetse no mu mishinga yabo. Nta gihombo gishobora kuva mugushora imali mu mpano za benecyo, kuko kuzikuza byonyine byongera agaciro n'icyubahiro mu buzima bwabo, ari nabwo bw'igihugu cyawe, bukanaba ubwawe.

Niba uri rwiyekezamirimo, himba imishinga ibyara inyungu, uhangе inganda benecyo bazabonamo akazi, bakabona urubuga rwo gukoresha impano zabo zikabyazwa umusaruro ufitiye wowe nabo akamaro.

Igihugu aho kiva kikagera kiba kigomba gutunga benecyo. Uburyo bworoshye bwo kubikora n'ugufasha benecyo kwitunga. Ibyo ntibyashoboka mugihugu hatarimo imirimo ihagije benecyo. Bityo,

mwenecyo uhanze umulimo, agaha benecyo bandi bagihuje akazi, burya aba aremeye igihugu cye, akwiye ishimwe.

Hari impano benecyo bafite zitanabasaba byinshi, ariko utwo ducye zisaba baramutse batatubonye byagorana ko bazibyaza umusaruro. Nk'umuririmbyi abacyeneye intanga yonyine. Umukinyi w'umupira ugasanga acyeneye inkweto z'umupira n'uwo mupira. Umwanditsi we ugasanga acyeneye mudasobwa na murandasi. Umwubatsi ugasanga acyeneye umwiko n'inyundo.

Abo bose ibyo bacyeneye ntibihenze cyane. Uramutse ugize uwo ufasha kubona kimwe mu bintu byinshi aba acyeneye kugira ngo abyaze impano ye umusaruro, ub'uteye ingabo mubitugu igihugu cyawe. Nawe ub'ukwiye ishimwe.

Ntukabe Inzitizi Mw'iterambere Rya Benecyo

Ntuzabe ibuye munzira benecyo bacamo bagana kw'iterambere ryabo. Burya, n'iyoy utagira icyo ukorera igihugu gihambaye, ariko byibura ukirinda kugira icyo ugikorera kibi, nabwo uba ukigiriye akamaro.

Ntukabangamire benecyo mukazi kabo ka buri muni, ntukabacyerereze cyangwa ngo utume bategereza bagatinda gukora ibyo bagakoze mugihe gikwiye. Ugomba kwirinda kubashyiraho amananiza mugihe bagize icyo bagucyeneraho, cyangwa igitutu mugihe har'icyo ubacyeneyeho.

Ntukabake ruswa kugirango ubone ubakirane urugwiro, cyangwa ngo bakwinginge batakambe basarare bagusaba ibyo bakwiye. Ntukabarindagize, ahubwo n'uwo ubonye ahuzagurika ukwiye kwihutira kumuyobora munzira nyayo.

Ukwiye kandi kwirinda kubasaba nk'ibya mirenge birenze ubushobozi bwabo, cyangwa ngo ubishyuze muburyo bushobora kubahungabanya nyuma yaho.

Gura Ibicuruzwa Bya Benecyo

Benecyo biv'imuzi bakihangira imirimo yunguka, bakajyana ibicuruzwa byabo ku isoko, bagacuruzwa bashaka kunguka no kungura abaguzi ibyo bacyeneye. Ibyo bikorwa byabo by'ubucuruzi nibyo bashingiraho bubaka imibereho yabo.

Nka mwenecyo ugikunda, n'inshingano zawe kujya ku isoko ukagura ibicuruzwa uhereye kubya benecyo musangiye igihugu. Kabone nubwo ibicuruzwa bya benecyo byaba bidahambaye muburyo bikoze, n'ubundi uba ugomba kubagurira byibura ducye kugirango badacika intege bagasubira inyuma.

Ntakuntu warenga iseta y'ubucuruzi ya mwenecyo muhujye igihugu ngo ujye kugurira uwundi wavuye hakurya y'imbibi zacyo. Ibyo byaba ar'ibiki?

Amafaranga yawe hafi ya yose agomba gusubira mu gihugu cyawe ubinyujije mukugura ibicuruzwa bya benecyo mugihuje.

Naho iyo ufashe amafaranga wakoreye mu gihugu cyawe ukayagura ibicuruzwa bikorerwa muy'andi mahanga, cyangwa ukagurira abanyamahanga, uba wongereye umwenge mu kigeza k'igihugu cyawe.

Ntukanatekereze kandi ko ibicuruzwa by'abanyamahanga biruta ibya benecyo, benewanyu, cyangwa iby'igihugu cyawe. Mubuzima bwawe bwa buri muni ugomba kwishyir'imbere, ugashyir'imbere iby'iwanyu, ugashyir'imbere benecyo muhujе igihugu.

Aho niho kwigira bishibukira, bigashinga imizi mumitekerereze, mumico no mubikorwa byawe. Uko uguze ibicuruzwa bya benecyo niko ubatera akanyabugabo n'imbaraga zo kurushaho kunoza ibicuruzwa byabo n'uburyo babitangamo. Erega nabo bababashaka gukabya inzozі. Kandi inzozі za

benecyo ninazo z'igihugu cyawe, iz'igihugu cyawe zikaba arinazo zawe.

Korana Na Benecyo Mumishinga Yawe

Iyo mishinga yawe ihambaye ntikaburemo benecyo ku isonga mw'ishyirwa mubikorwa ryayo. Wakorana n'abandi wagira ute, abo bandi bab'inzobere bamera bate, benecyo muhuje igihugu bagomba gufata iyambere mubyo ukora byose.

Urimo utanga akazi, ugomba guhera kuri benecyo muhuje igihugu. Urimo utanga inguzanyo, ugomba guhera kuri benecyo muhuje igihugu. Urimo utanga amahirwe, ugomba guhera kuri benecyo mugihuje. Ufite icyo ugurisha, abakiriya bambere ugomba kubashakira muri benecyo mugihuje, cyane iyo ugiye kugurisha ibiri mu gihugu cyabo kandi bacyeneye. Benecyo muhuje igihugu bagomba gufata umwanya wa mbere mubyo ukora byose cyanecyane ko aribo bagomba kuba abagenerwa bikorwa n'abafatanyabikorwa bibanze mumishinga

yawe yose. Ibi kandi ubikora uzirikana ko ibyiza bibagezeho biba bigeze no ku gihugu cyawe muhujje.

Igire, witunge.

Ikintu gikomeye wakorera igihugu cyawe n'ukwigira wowe ubwawe. Ukitunga, ukigaburira, ukiyambika, ukicumbikira, ukihaza mubyo ucyenera byose ng'ubeho. Ikigega bwite cyawe kigomba guhora cyuzuye ibigutunga ndetse n'ibyakugoboka ahakomeye. Iyo ubashije gutera iyi ntambwe ukayihamya, burya uba ugabanyije umubare wa benecyo igihugu kigomba gufasha.

Ibibazo bikomeye igihugu gihora gihanganye nabyo n'ibishibuka mugushaka ibitunga benecyo. Harimo ibiryo, amazi meza, aho kuba heza, ibikorwa remezo by'ibanze, n'ibindi nk'ibyo. Uko umubare wa benecyo igihugu kigomba gufasha wiyongera, niko kirushaho kuzahara no kunanirwa kubitaho uko bikwiye. Mugihe iyo abo kigomba gufasha bagenda bagabanuka, igihugu cyabo kirushaho

gutubura ubushobozi cyifashisha mubindi bikorwa by'igenzi bitez'imbere imibereho ya benecyo.

Iyo uvuye mur'abo benshi igihugu gifasha, ukicyemurira byinshi mu bibazo uhura nabyo -- ukiyubakira aho kuba heza, ukigenera amafunguro ahagije kandi akwiriye, ukiha amazi meza, ukihangira umurimo, burya igihugu cyawe ub'ugikoresheje ibitangaza. Uba ubaye umwe mubo cyafashije kidakozeho.

Ntugatege amaboko biragatsindwa n'Imana y'IRWANDA. Ahubwo, mumaboko yawe hajye havamo ibijya mu maboko y'abandi babicyeneye. Bigomba kuba intego n'inzozo zo mubwana za benecyo bose kwivana mubaturage batishoboye igihugu kigomba kugoboka buri muni.

Nguhize ubutwali kimwe n'abazagukomokaho, ntuzatege amaboko usabiriza, ahubwo uzarambure akaboko gusa hari icyiza uri gutanga. Igire, itunge, ibesheho neza, unabere benecyo bandi bose urugero rwiza rwo kwigira.

Kwigira nizo nzozi za mbere umwana w'umunyarwanda agomba kurota, akarahira ko azageza imyaka makumyabili n'umwe(21) yarazikabije, abasha kwitunga no kwibeshaho neza. Uyirengeje atarahigura uwo muhigo akamenyako ya zaririye, ko agomba kwiminjiramo agafu k'umurava n'ubwenge, k'uburyo noneho azuzuzza imyaka mirongo itatu (30) yarabigezeho.

Kwigira n'uburyo bwo kubigeraho niryo somo rya mbere rikomeye umwana w'umunyarwanda agomba kwiga, yaba mu mashuri ndetse n'imuhira murugo. Ugejeje imyaka cumi n'umunani atararyumva, abamwigijshije bese yaba ab'imuhira murugo, ndetse no ku ishuri bakamenyako bavomeye murutete.

Imihigo benecyo bahiga yose igomba kubanzirizwa n'umwe uyiruta yose; kwigira no gufasha benecyo bandi bahuje igihugu kubigeraho. Kuko bitabaye ibi, imihigo yindi yose ntiyajyerwaho. Byaba ari kwa kubaka k'umusenyi, ntibiramba.

Ntukagire icyo Wangiza, Yaba
Icyawe(mwenecyo) Cyangwa
icy'Abandi(benecyo).

Kabone nubwo waba uri kwigaragambya, kwangiza ibyawewe cyangwa iby'abandi uretse kuba ar'ubwenge bucyeye, nta n'igisubizo kirambye bitanga. Ahubwo, birushaho guteza ibibazo bishya, no kongera ubukana bw'ibisanzwe.

Urabe wumva mutimamucye wo mu mutiba, mwebwe mushoza intambara kuri benecyo, mukangiza ibyabo, ndetse n'ubuzima bwabo mukabuhitana kuko ngo mushaka kwigarurira ubutegetsu bw'igihugu. Ntawe bihira.

Ben'abo n'abandi b'igihugu cyawe, ntuzazuyaze cyangwa ngo ubahishire kuko bwacya kabili nawe bakakwigarika. Ben'abo ikiri munzira y'intego zabo cyose baracyangiza, kabone nubwo yaba ari wowe cyangwa uwawe ukunda. Intego zabo ziba ziruta amahoro yawe, inyota yabo yo gushaka gutegeka igihugu iba iruta ubuzima bwawe. Niyo mpamvu nawe ugomba kubamenya ukabatahura

bagitunguka, ukabatamaza, ukabamagana ukabavugiriza induru kukarubanda.

N'inshingano zawe gusigasira ibyawe umaze kugeraho, ndetse n'ibyo benecyo bandi muhuje igihugu bamaze kugeraho. Ugomba kubifata neza, ukabibungabunga, ukabirinda umugese, abajura, n'abatekamitwe. Uragendere kure ba *'turatugabane niwanga bimeke'* n'abahanya n'abatindi baragatsindwa n'Imana y'Irwanza. Ntibazagushuke.

Cyamamaze

Ntagihugu cyakamamara ngo cyimenyekane hirya no hino mumfuruka zose z'isi benecyo badakingurutse urumuli rwacyo, ngo kirabagirane ibishashi byacyo bibonwe n'amaso ya bose.

Benecyo nibo bafata iyambere bakavuga igihugu cyabo imyato, ibigwi, n'ubuhangange. Uko benecyo bagumya kugishyir'imbere muri byose, niko na rubanda bafatiraho bagatangira kubibona kimwe nabo, bakabigana bagatangira kukivuga bya bigwi, ya myato, na bwa buhangange.

Kwamamaza igihugu cyawe biroroshye, cyane ko ari wowe gihugu, kimwe na benecyo bandi bose mugihuje. Iyo wowe ubwawe wimenyekanishije, nacyo ub'ucyamamaje. Iyo rubanda bandi bakumenye, bababanamenye igihugu cyawe, na benecyo bandi mugihuje icyarimwe.

Igihe cyose benecyo bari kumenyekanisha ibikorwa, imishinga, intego, ndetse n'impano zabo, bababari no kumenyekanisha igihugu cyabo. Kuko ari bo gihugu, nacyo kikaba bo.

Ugomba gukunda amabara agaragaza igihugu cyawe. Ujy' uhora uyagaragaza aho bishoboka hose. Ikinyabiziga cyawe ujy' ugishyiraho idarapo ry'igihugu cyawe. Iwawe murugo, ku inzu yawe ntihakabure idarapo ry'igihugu cyawe kandi rimanitse aho umuhisi n'umugenzi aribona.

Aho bishoboka hose, igihe cyose usiga amarangi, ujy'usiga ya yandi agaragaza igihugu cyawe. Ibirango biranga igihugu cyawe ntibikabure ah'uri hose kandi muburyo bugaragarira buri wese. No

kumbuga nkoranyambaga kuri murandasi, naho ucy’ uhashyira ibirango by’igihugu cyawe. N’uko igihugu cyamamazwa, n’uko kimenyekanishwa kikaganza mu mitima ya benshi, kigakundwa n’aba hafi, kimwe n’aba kure.

Nkuko ufite uw’akunda cyane yambara imikufi n’inigi zimwibutsa uwo mukunzi we, n’igihugu ukunda bijye biba uko. Ujye wambara imikufi n’inigi bikwibutsa igihugu cyawe ukunda cyane. Imyambaro yawe nayo ijye igaragaza urukundo ugikunda, kugeza kunkweto ukandagiramo.

Aho utaramye hose ujye wibuka unyuzemo uririmbe indirimbo ziri mururimi rw’iwanyu zivuga igihugu cyawe ubwiza, n’ubuhangange. Nubyina, wibuke uce umugara nk’intore ihamiriza, urambure amaboko nk’inyambo ushayaye, witerure ubyine ikinimba, wongere uce umugara wivuge nk’ingabo k’urugamba.

Kira, Ukize Na Benecyo.

Buri gihugu kifuzwa kandi kigaharanira kuvana benecyo mubucyene, n’ubutindi. Muri uwo

mugambi wacyo, iyo wowe ubashije kwivana mubaturage bacyo batindahaye, ub'ucyongereye imbaraga zo gufasha abugarijwe. Byisumbuyeho, iyo umaze gutunga ugatunganirwa, ukarenzaho ukaremera n'abandi benecyo ukabafasha kwivana mubucyene, ub'ukihutishije mw'iterambere ryacyo.

Ntawatunganirwa atabanje gutunga, ntawatunga atabanje gusarura, yewe nta n'ubwasarura atabanje kubiba. Uru nirwo rugendo rwo guterimbere mubuzima. Bihera mukubiba; ukabiba icyifuzo muri wowe cyo gukira, ukabiba ibitekerezo muri wowe byo gukira n'uburyo wabigeraho, ukabiba ubushuti hagati yawe n'abandi ubona bashobora kugufasha kuzagera kuri cya cyifuzo cyo gukira. Ubwo bushuti nibwo buvamo abakiriya bawe bambere, abafatanyabikorwa, abashoramari, ndetse n'abandi nk'abo b'ingenzi mwishyirwa mubikorwa ry'imishinga yawe.

Kubiba kandi nabyo bifite ikibibanziriza; harimo kuzigama. Niyo mpamvu buri muhinzi wese ya kubwirako kizira kurya imbuto. Imbuto ihagarariye igishoro. Ntukarye igishoro. Igishoro ni ya

mafaranga ushyira kuruhande kabone nubwo yaba ari macye cyane, ariko ukagenda uyongera uko bwije n'uko bucyeye. Amaherezo y'amafaranga aragwira akagira icyo wayashoramwo cya kubyarira inyungu.

Iyo umuhinzi asaruye umufuka w'ibishyimbo, byibura asagura amashyi arindwi yabyo akabibika k'uruhande, kugirango bizamubere imbuto mukindi gihembwe k'ihinga. Aramutse asaruye ibishyimbo akabirya byose akabimara, cyangwa akabigurisha byose, byazamusaba kujya kugura imbuto kubandi kugirango abashe kongera guhinga ibishyimbo.

N'amafaranga n'uko. Iyo uhembwe cyangwa ukabona amafaranga, byibura hari macye ugomba kwizigamira, ukayabika k'uruhande kugirango umunsi umwe igihe ushatse kugira icyo uyashoramwo kibyara inyungu ntibizagusabe kujya kwiguriza kubandi.

Utwo dufaranga ducye uzigama buhorobuhoro nitwo tukubera imbuto ukoresha ubiba mu mushinga wahisemo gutangiza, cyangwa

gushoramho imali. Ikiza k'imbutu ntibisaba kuba ari nyinshi, ikigenzi n'uko uzikoresha muburyo buzatuma amaherezo zirumbuka zikabyara umusaruro wifuza.

Igihe cyose uzaba wabonye amafaranga, ujye wibaza uti; *'n'iki nayashoramho kikayakuba kabili mugihe gito cyangwa kirekire? N'iki nayaguramo nkeneye kurusha ibindi bigatuma ubuzima bwanjye buba bwiza kurushaho? N'iki nayakoresha cyatuma ntongera kubura ibyangombwa nkenerwa by'ubuzima, nk'amafunguro, amazi, aho kuba, ibyo kwambara, n'ibindi?'*

Nujya kugura ibintu ujye uhura kubyangombwa by'ibanze by'ubuzima bwawe, kuko icyo ubifite bikugabanyiriza umuhangayiko bikanashimangira umutekano muri wowe wo kudahora wibaza uko uri bwirirwe, cyangwa uko uri buramuke.

Mur'urwo rugendo rw'iterambere ryawe ari naryo ry'igihugu cyawe, ujj' uzirikanako ikihutirwa kurusha ibindi byose mubuzima ari ukugira ibyangombwa nkenerwa by'ubuzima hakiri kare.

Cyanecyane inzu yawe bwite yo kubamo. Kabone nubwo yaba ari iy'ibyondo, byibura ugomba kuba ari wowe nyiribyondo.

IGICE CYA 4

NKIBEMO NTE?

Nk'imfura

Urajye utanga uramenye, niyo twaba ari ducye kuko burya no guhabwa n'aho bihera. Ujy' ugira neza kabone nubwo waba ubabaye. Nibinaba ugahangana n'umwe muri benecyo muhuje igihugu, uwakubabaje ujy' umukubita uhusha, nk'umubyeyi uhana uwe.

Uratange agatego nyabuneka amazi atararenga inkombe, wishyure iby'ugomba abandi, kandi uramenye hatazagira uwimanika kuko umutitiriza umwishyuzi. Ahubwo, ujye ushaka igisubizo kiboneye kandi kinogeye mwembi.

Nta mfura iyogozwa abandi kirazira, ngo ibahoze kunkeke, ibatoteza, ibambura, ibariganya ibyabo. Imfura ntihemuka, ntirenganya, ntishinyagura, ntishyanuka ntishyomoka, ntiharira mumafuti bimwe byo kwigiza nkana, ntihubuka kandi nta nubwo imfura uhuguza abandi ibyo bakwiye.

Imfura irasabana, igatarama, ikizihirwa. Ntiyironda, ntiyikubira, iratumira igatumirwa, ikagabira abandi nabo bakayigabira, ikazirikana iteka ko biryoha

bisangiwe. Iyo itanze ntiyitangira itama, kabone nubwo yaba isigaranye ducye ntiyabura icyo ishyira mubiganza birimo ubusa.

Ikunda abandi ikanabibereka, kandi nayo irakundwa bakayibigaragariza. Itega yombi, ufite ijambo akinigura kandi ikunga mubitekerezo byiza aho bicyenewe. Imfura imarira impaka mubiganiro, kandi ntijya yishora muri za manza za ngo turwane.

Nta mfura ib'injiji kirazira, nta n'imfura ib'umupfapfa, cyangwa umupfayongo nacyo n'ikizira. Ahubwo, ihorana ubwenge igahora yiyungura ubumenyi, ikigira kubandi ari nako nayo igira icyo ibigisha cya bagirira akamaro.

Imfura ihorana amatsiko yo kuvumbura no kumenya akar'imurori kugirango hatagira uyobya uburari akayigiraho intama ar'icyirura, cyangwa akagira icyo ayihisha yagombaga kumenya, cyangwa kubona.

Ihorana icyubahiro n'igikundiro bishingiye kubikorwa byayo byiza, n'amagambo meza

ihorana. Imfura irizerwa, ikavuga ukuli, ikagira ukuli, igaharanira ukuli, n'ubutabera. Aha niho bayitira inyangamugayo.

Iyo igihe kigeze ikubaka urugo, imfura iharanira ko rurangwamo amahoro, umunezero, icyubahiro, urukundo, ibyishimo, urugwiro, iterambere n'ubwuzuzanye. Iyo ibyaye, irera abana neza, kuko ib'izi neza ko irerera igihugu cyayo, n'isi muri rusange. Nta mfura ibyara abana ngo bagwingire, cyangwa ngo barware bwaki, kirazira.

Ikikugira imfura s'igihagararo, s'ikimero, yewe si n'icyubahiro, ahubwo ikiruta byose n'uburyo wuzuzane neza inshingano zikureba, ugafasha n'abandi kuzuzane izabo zibareba.

Nk'intwali

Ubutwali bushibuka mukwigomwa byinshi washakaga kugirango uramire byinshi cyangwa bicye bifite akamaro karenze kure ibyo warurangamiye. Intwali ntivuga ngo *'njye'*, iravuga iti; *'twe'*, ntivuga ngo *'ibyanjye'* iravuga iti; *'ibyacu'*.

Intwali itekereza, ikavuga, igakora ibintu byose munyungu za benecyo bose bahuje igihugu.

Ntuzabe ikigwali ngo unanirwe gutabara benecyo byakomeye iyo hirya no hino mubaturanyi, no munzira ah'uca hose. Nugira uw'ubona atewe asumbirijwe, arengana abangamiwe, ujye witsa umutima ar'uko umaze kumucira akanzu gasimbura akobo abanzi bamuciriye.

Ntukagire icy'utambuka kibi ngo ukirengagize ukirenge ugende utakivanye munzira, kuko wabonye ko ntacyo wowe cya gutwara. Icyo umuntu ukuri inyuma azasitaraho wagitambutse utagikuye munzira, ni wowe uzaba wakimuteze.

N'inshingano zawe kurengera benecyo muhuje igihugu uko ubishoboye kose, babababizi cyangwa batabizi, bababari bugushime, cyangwa batanakuzi.

Hari igihe bibangombwa ko ugira ibyo wigomwa kunyungu rusange za benecyo muhuje igihugu. Icyo gihe ni kigera ntugategereze kubyibutswa

cyangwa kubitegekwa, ahubwo ujoy'uhita wibwiriza ukore cyangwa uvuge igikwiriye muri ako kanya.

Ibihe nk'ibyo ntibikagukure umutima, kuko nawe urabizi neza ko hari ikindi gihe kigera benecyo bandi muhujе igihugu nabo bakagira icyo bigomwa kunyungu rusange zirimo n'izawe. Iby'ubakorera nibyo nabo bagukorera muburyo bumwe cyangwa ubundi. Ka kebo ni koko kajya iwa mugarura.

Nk'intore

Mugihe abandi bari kuganya bacitse intege, intore yo iba ihuze ishishikaye ica inzira aho zidasanzwe. Iba yikoza hirya no hino ishakisha ibisubizo birambye. Ngiyo intore, ib'inyangamugayo, ikaba intangarugero rwiza, igafata iyambere ikibwiriza igakora ibikwiye aho bwikwiye mugihe gikwiye.

Intore yifata nk'umuyobozi, ikazirikana iteka ko iby'idakoze ntawundi utegereje kubikora. Bityo, ntisigana, ntitegereza ibwirizwa cyangwa itegeko, ntikorera kujijo, cyangwa igitsure kuko ib'ihinga mukwayo.

Iteka intore ihora ar'intandaro y'ibyishimo, n'ibikorwa byiza. Nawe ujj'umera utyo, ah'uri hose ntihakabe irungu, intugunda, cyangwa kwishishanya. Benecyo bandi bajye baseka kuko wabakirigise, baganire kuko wabavugishije, basabane kuko watanze umutumiro, bataramwe kuko wateruye ugatera bakikiriza.

Nkanyiracyo

Uramenye ntukabe mugihugu cyawe nk'umunyamahanga. Ntawakubaza amakuru yacyo ngo asange uyazi. Ntawakubaza imipaka yacyo ngo asange uyizi. Cyangwa ngo akubaze iby'iterambere ryacyo ngo asange ubizi.

Hagomba kubamo itandukaniro hagati ya mwenecyo n'abakerarugendo basuhuka, bakagisura, bagataha. Imyitwarire yabo bombi ntikwiye gusa. Mwenecyo ab'ameze nka ya nkoko ya shonda umukara, kuko ir'iwabo.

Umushyitsi usuye ahandi hantu agira uko yitwara, akenshi akibomboreka kugira ngo atagira icyo

asitaraho akabizira, cyangwa akihindura uko atari ngo akunde atambukane umucyo mumaso y'abo yasuye. Mwenecyo we agomba kwisanzura, igihugu cye akakiyumvamo, akakiyemeramo, akakizihirirwamo, akagitemberamo uko abishatse, kandi akisanga aho ageze hose cyane ko ab'anasanganirwa na benecyo bandi bagihuje.

Kuba mu gihugu cyawe byonyine bigomba kugutera akanyamuneza, kakakuba k'umutima, kakakugaragara kumaso, ndetse kakanagusesekara k'umunwa.

Benecyo bose aho bava bakagera, baba bashinze imizi mugihugu cyabo, bitaye ibyo ntahandi babona mubihugu by'abandi rya jabo ribaha ijambo. Yewe niyo bahabona bakabakira bagatura bagatunga, biragoye ko batunganirwa kuko benecyo b'aho hantu handi ntibarecyera kubabonamo abanyamahanga, abashyitsi, abahashyi baturuka ahandi hantu.

Niba kitagutera ishema, ukaba utakiyumvamo, ngo ijabo wavukanye rikiguhesherezemo ijambo uko

rirashe n'uko rirenze, k'uburyo bitagira icyo bigutwaye niyo cyaba gisumbirijwe mungamba, ubwo ntugikunda ushatse wanakimukamo ukabisa benecyo bandi mugihuje.

Ntawarusha nyiribintu kubikunda, gushaka kubyongerera agaciro, no kubirinda. Nka nyiracyo rero, ibikirimo byose n'ibyawe, na benecyo bandi mugihuje. Ni wowe wo kubitezimbere, wo kubirinda, wo kubikunda no kubyongerera agaciro.

Mwene cyo ntakigomba kumwimura mugihugu cye atabishaka, kabone nubwo byaba ari igitero. Bibaye byo yahagarara agahangana n'icyo cyamuteye kugeza ashinguye uwo mwanzi akamujugunya iyo bigwa. Ariko uramutse witwara nk'umunyamahanga mu gihugu cyawe, agakomye kose kakagutera guhungabana, ukiruka ugihunga. Umwanzi wese yaza akakikwirukanamo, akakigutereramo ubwoba, akakikwibiramo, akakigusuzuguriramo, akakigutukiramo. Ntacyo waba ucyimariye, waba uri cya kiboze igihugu cyawe kirigata kuko cyakibyaye.

Nk'umwana Iwabo

Ntamuntu wisanzura nk'umwana iwabo. Ntaho iwabo atagera, ntawe w'iwabo atavugisha, cyangwa ngo yisanzureho. Ntacyo yiyumvamo adakora, cyangwa ngo ntakivuge. Ntazuyaza, aranivumbura, gusa ntajya atinda muburakari.

Nawe, kimwe na benecyo bandi muhujje igihugu mugomba kukibamo nkuko umwana ab'abayeho iwabo, munezerewe, mwishimye, mwisanzuye kandi ntacyo mwikanga. Useke hari ikigusekeje, ubabare hari ikikubabaje, wihe ijamba uganire ufite ibyo kuvuga.

Nihagira ikigukanga, nka wa mwana iwabo ujj'uhunga usubira iwanyu mugihugu cyawe, kuko burya iyo utahaboneye umutekano, ntahandi wawizera. Iyo utahaboneye amahoro, ntahandi wayizera. Iyo utahaboneye igishoro, ntahandi wagihabwa. Iyo utahaboneye umunezero, ntahandi wawukura.

Ntiwagihunga aricyo uhunze ntibyashoboka, kuko nawe uricyo, kandi ah'ugeze hose nacyo kiba

kihageze. Wowe n'igihugu cyawe muragendana, ubudasigana. Niyo mpamvu benecyo baramutse bavuye mugihugu cyabo bose icyarimwe, ubwo nacyo nticyahasigara, cyabakimukanye nabo.

Nka wa mwana iwabo, ujye wisanzura mugihugu cyawe, utete, uteteshe, wishime kandi usabane na benecyo bandi mugihuje.

Nka Nyanshya na Baaba

Aka wa mugani, Nyanshya na Baaba babanaga ari babili bonyine, umukuru muri bombi akarwanira ishyaka umuto, akamurinda, akamufasha, akamwitaho uko bikwiye, akamuzirikana mubyoye akora byose – Uko niko nawe ugomba kuba mugihugu cyawe, ni nako ugomba kubana na benecyo bandi mugihuje.

Ni wowe Baaba nibo Nyanshya. Ugomba kuzuzanya na benecyo bandi muhuje igihugu, ugasangira nabo akabisi n'agahiye, mugasenyera umugozi umwe. Ugakorana nabo utabahatse,

utabakandamije. Ugasabana nabo ntubanene, ntubarobanure, ntubishishe, cyangwa ngo ugire bamwe muri bo wigiza hirya kure yawe.

Nka mwenecyo ugomba kuzirikana ko iterambere ryawe ritagomba kubisikana n'irya benecyo bandi muhujе igihugu. Muburyo bwagutse, ibyawе biba ari n'ibyabo, kimwe nuko ibyabo biba ari n'ibyawе.

Nk'inkotanyi

Gukotana n'ukudahwema ushyira ibikwiye mubikorwa, mugihe gikwiye, muburyo bukwiye yaba bikoroheye cyangwa bigukomereye, yaba biri butebuke cyangwa butinde, yaba ar'ibisanzwe cyangwa ibishya.

Inkotanyi ntacyayitangira ngo kiyibuze gutambuka, ntacyayitinyuka ngo kiyiteshe agaciro, ngo kiyibasire kiyivangire kiyizengereze kiyiteshaguze kiyiteshe umurongo ngo cyo gisigare amahoro. Ntacyayishingura yashinze, ntanicayisubiza inyuma itabishatse. Irigenga, ikigenera imibereho yayo uko ibyumva, ibyifuza, kandi inabishoboye.

Ibitayireba bitayifiye akamaro, nayo ibirebera kure. Ariko mubiyireba ifitiye inshingano igenda mub'imbere. Ntiyiyenza, ntawe ishotora, gusa umwanzi uyitinyutse, ntamenya icyimukubise.

Inkotanyi yiha intego kandi ikayigeraho. Irota inzozu kandi ikazikabya. Aho izindutse yekereje bwira ihageze yabishaka rikongera kurasa yahavuye.

Mwahanganye ntiwayikira, ntiwaba ugisinziriye ukundi, wajya uyikangakanga ubutitsa, agakomye kose ukagira ngo niyo. N'iyoyaba ihanganye n'ngabo isinzi, cyangwa imbaga amagana, inkotanyi rya renga igihagaze, rikarasa igikomeye.

K'urugamba urwarirwo rwose, yaba urw'ubucyene, Urw'ubwigenge, urw'iterambere, cyangwa urw'amahoro, ntitegwa, ntiganzwa, ntitsindwa.

Burya inkotanyi nayo iba ar'intahana batatu nka Rukara Rwabishingwe, iritatira igatabara nka Ruganzu Ndoli wa mwami igihangage cy'Urwanda. Ubaye insibika, yaba Maguru ya Sarwaya, icyo

wakigira cyose ya gucika, ya kurokoka. Wigize agaca, ugasuma usamira usatira abana bayo, yakwikinga mucyanzu ugatunguka iturumbukana umwambi ufoye mumuheto ikagutungura ikakwahuranya.

Nk'umurinzi w'Igihango

Nubwo n'ubusanzwe kugenda ingendo y'undi bivuna, ariko kwinangira ukihagararaho bose baguhagarikiye bagutegeka kubigana, wakanga bakakwigizayo, byarimba bakakwikiza, byo bisaba ubutwali bw'imena.

Umurinzi w'igihango ntakozwa ibya wa mugani ngo *'iyo amagara aterewe hejuru buri wese asama aye'* ahubwo, iyo bigenze bityo, we atanguranwa asama ay'abandi. Murubuga rw'amahina, ubusanzwe buri wese akurura yishyira, agashora aho yunguka gusa, akisanisha n'amaboko bareshya gusa, ariko ni gacye cyane umuntu ashobora kwishyira mukaga agamije kurinda undi ukarimo cyangwa ngo amufashe kukavamo.

Ntihakagire ikibi cyagera kubandi kiguturutseho. Ntihakagire ubufasha abandi bagucyeneraho ubufitiye ubushobozi ngo ubatere umugongo, cyangwa ngo amatwi uyavuniremo ibiti. Nk'umurizi w'igihango, ntihakagire mwenecyo ushyira cyangwa usiga mumenyo y'abashinyaguzi.

Umurinzi w'igihango ab'inshuti nyanshuti, akaba umuturanyi mwiza umwe ubyuka akubaza uko waramutse, akakubaza uko wiriwe, ryarenga akakwifuriza kurara aharyana ngo ubashe uzaramuke yongere akubone nejo. N'umukoresha utambura, utabangama ngo atambamire abo bakorana. N'umubyeyi urerera igihugu akaba adashobora guca k'umwana we cyangwa uw'abandi atamuhanye.

Nk'umunyabwenge

Imbaraga z'umugabo kimwe n'iz'umugore ziba mu bwenge bwabo, no muburyo bakoresha ubwenge mukugira ubuzima bwabo n'ubw'ababo bwiza. Gukunda igihugu nabyo bishibuka mur'ubwo bwenge, bikanashingira muri bwa bwenge. Nka

mwenecyo ugikunda, ugomba kwimakaza ubwenge mubyo ukora byose mubuzima bwawe bwa buri muni, bitabaye ibyo waba uvomera murutete.

Uburyo bworoshye bwambere kandi bwihuse bwo kugira ubwenge, n'ukwirinda ubuswa, ubugoryi, n'ubujiji. Ntukabe nk'abidishyi ngo wikirize ibivuzwe byose ntakuyungurura cyangwa ngo ugire icy'ubivugaho. Ntukabe nka joriji baneti ngo wibwire ko wabundikira amagi nk'ikoko utegereje ko azaturaga. Kandi ntukabe nka Ngunda ngo uhingire ibiryo n'ibibindi by'inzoga. Ikiruta ibindi mukutaba nka Ngunda, ntukagere aho ugwa ivutu.

Imbaraga za benecyo z'ingenzi zishibuka m'ubumenyi bafite, no m'uburyo babubiyazamo ibisubizo bacyenera buri muni. Bityo ugomba guhora wiyungura ubumenyi, ugomba guhora ur'umunyeshuri, aho ugeze hose ukagira icy'uhigira, uwo muhuye wese ukagira icy'umwigiraho, byaba akarusho nawe ukagira icyo wigisha abandi.

Ubwenge bushoboza benecyo kubona ibibatunga mu gihugu cyabo, bukanabashoboza kongerera agaciro ibyo batunze bakabibyzamo ibindi byinshi. Ndetse, bubashoboza kwibuka kuraza ifu, bakizigamira byo kutamenya akaraye ifundwe, no kwirinda kuzategereza akimuhana kaza imvura ihise.

Ubwenge ninabwo butuma mwenecyo atahura ibirura byiyambitse impu z'intama bigamiye kumwiba, kumushuka, kumuteranya na benecyo bandi bahuje igihugu, cyangwa kumuyobya agatana, agata urwo yambaye.

Iyo abanyarwanda baca umugani ngo “*ntukibe uhetse*” burya bababibutsa benecyo kugira ubwenge butuma bazirikana ko ntawukwiye gukorera cyangwa kuvugira ibibi mumaso y’umwana. Ubwenge ninabwo bubatera kuvuga bati; “*ifuni ibagara ubushuti n’akarenge*” byo kwibutsa benecyo kuzirikana akamaro k’abandi bantu mubuzima bwabo, no guharanira kubaka ubushuti burambye.

Ntacyo umuntu yagira ngo kiburute, kuko aho ubwenge butari nta cyiza cyaharamba.

Horana Akanyamuneza

Kugira akanyamuneza bihera mukwishimira ko ur'iwanyu, mu gihugu cyawe. Kwishima iwanyu byo bihera mukuhishimira. Ntago wakwishimira kuba ahantu haguteye ipfunwe, icyimwaro, cyangwa umugayo. Ntago wakishimira ahantu hari abantu mutavuga rumwe, abantu utiyumvamo, udakunda.

Bivuzeko uko iwanyu hameze, n'uko uhabona bigutera kwishima cyangwa kubarara. Guhorana akanyamuneza birenga igikorwa cy'amarangamutima bikaba ibikorwa bishibuka mubitekerezo n'amahitamo yawe agamije kugira iwanyu heza. Uru rugendo ukora ugerageza kugira iwanyu heza, ahantu hakunyuze wishimiye nibyo bigutera akanyamuneza.

Ibyishimo byawe mu gihugu cyawe bishibuka mubikorwa byawe bigamije kugira igihugu cyawe cyiza. Uko witez'imbere, ugafasha na benecyo bandi mugihuje guterimbere, niko ub'uri kukigira

cyiza, uko kibaye cyiza niko urushaho kukishimira no kugikunda, bikaba aribyo bigutera guhorana akanyamuneza.

Ugomba kwishimira igihugu cyawe kikanyura, kuba ugifite ukibayemo mubwigenge bikagutera ishema. Byisumbuyeho, ugomba kwishimira benecyo bandi muhuje igihugu, ukabiyumvamo nk'abavandimwe, nk'inshuti, nk'abantu mufite icyo mupfana gikomeye.

Igihe cyose uri mu gihugu cyawe, jy'ukora ibintu ukunda cyanecyane ibishibuka mu mpano zawe, mubushobozi bwawe, mubyifuzo byawe, ndetse no muri kamere yawe ariko bitabangamiye abandi. Utabigenje utyo, ugakora ibyo ubonye byose kugira ngo igihe gihite, cyangwa ngo utiteranya ubashe kuramuka, biragoye ko wagira akanyamuneza cyangwa ngo wishime mu gihugu cyawe.

Ikiza cy'ibyishimo akaba ari nayo mpamvu ikomeye ugomba guhora wishimye mu gihugu cyawe, nuko akanyamuneza kawe gatera abandi imbaraga zo kwishima. Buriya abantu bigana abandi hafi

mubintu byose. Iyo bakubonye wishimye, nabo bahita bumva bakishima nkawe. Kimwe nkuko iyo bakubonye uhekenya amenyo, nabo ntibongera kwerekana inyinya.

Nk'umuturage Mwiza

Mbere ya byose, umuturage mwiza agomba kuba asobanukiwe igihugu cye byimbitse; ubuso bwacyo, imiterere yacyo, uko cyabayeho, ingorane cyagize, amahirwe n'ubutunzi gifite, abanzi bacyo, imibereho ya benecyo, umuco wabo n'ururimi rwabo.

Kwitwa umuturage w'igihugu bihita biguha inshingano ikomeye mumiyoborere yacyo. Bityo abayobozi b'igihugu kimwe n'abaturage bacyo bose bahuriza hamwe bagashyiraho umurongo ngenderwaho w'igihugu cyabo. Ndetse, banashyiraho amahame n'amabwiriza agenga imibereho yabo n'imibanire yabo n'abandi baturage bo mubindi bihugu.

Ntagushidikanya rero ko umuturage aba ari umuyobozi wo kurwego rw'ibanze mugihugu cye. Ni we wambere ugomba kugenzura ko igihugu cye kirimo kugana mucyerekezo gihuriweho na benecyo bose ntawusigaye cyangwa ngo abangamirwe.

Iyo umuturage ananiwe kubahiriza inshingano ze, abayobozi bo munzego zo hejuru byabagora kugira icyo bageraho gihamye, kiramba kuko ntibamenya neza niba ibyo bakora hejuru bigira ingaruka nziza cyangwa mbi hepfo muri benecyo.

Murwego rwo kubahiriza inshingano ze z'ubuyobozi, umuturage agomba guhora akurikirana ibimubera iruhande, ishyirwa mubikorwa ry'intego z'igihugu n'imikorere y'abayobozi bashinzwe ishyirwa mubikorwa ryazo.

Umuturage ab'agomba guhora aganira n'ubuyobozi bukuru, asobanura uko yumva amerewe kugiti cye ndetse n'abaturanyi be. Aba agomba kuvuga uburyo agenerwa ibyo agombwa, ndetse akanavuga ibigenda neza n'ibigenda biguruntege.

Iyi niyo nzira ya bugufi ituma habaho ubuyobozi bwiza bw'igihugu, butanga ibisubizo binyuze benecyo bose.

Ntacyasimbura uruhare rw'umuturage mukugena abamuhagarira m'ubuyobozi bw'igihugu cye. Amatora ashwirwaho n'abaturage, agashyirirwaho abaturage, akiyamamazamo abaturage, agatorwamo abaturage. Abayobozi bose babanza kuba abaturage kandi n'iyo bamaze kuba abayobozi, bagumya kuba abaturage b'igihugu cyabo.

Umuturage mwiza yitabira amatora, yabishaka kandi abishoye akiyamamaza mur'ayo matora. Umuturage wiyemeje guhatana mumatora, agomba kubikora azi neza ko yifitemo ubushobozi, impano, ubutwali, n'ubunararibonye bwo guhagarira abandi benecyo bahuje igihugu.

Ugiye gutora wese agomba gukoresha inyurabwenge agashishoza, akareba inyungu bizamugirira n'ingaruka zizamugeraho natora nabi cyangwa neza.

IGICE CYA 5

NKIRINDE NTE?

Igihugu gifite uburyo bwinshi kirindwamo. Ubumenyerewe bukaba ubw'ingabo z'igihugu, benecyo babigize umwuga bakabihugurirwa bagahora biteguye gutahura umwanzi ataratera, gusubiza umwanzi inyuma yateye, no guhashya umwanzi k'urugamba rwabaye..

Kurinda igihugu kur'uru rwego s'iby'umuturage usanzwe, biharirwa ingabo z'igihugu. Umuturage we ibirindiro bye ab'agomba kubishinga mukwifuzza amahoro n'umutekano, no gusaba babandi bagize kurinda igihugu umwunga kuzuzza inshingano zabo uko bikwiye.

Mugihe ingabo zibaza ziti; *'bariya turwanye ninde watsinda undi?'* Umuturage usanzwe we agomba kwibaza ati; *'bariya tutarwanye ninde waba ahombye?'* Ikibazo cyambere kiba kigamije gukaza umutekano w'igihugu, kuwongera, no kugena uburyo bundi bushya bwatuma utavogerwa n'umwanzi. Ikibazo cya kabili cyo kiba kigamije gusobanukirwa impamvu yatuma impande zombi zishyamirana. Yaba ntayo, amahoro agataha.

Uburyo bwambere bworoshye bwihuta kandi bushoboka bwo gutsinda urugamba n'ukwirinda urwo rugamba ntirubeho. Intero ya benecyo igomba kuba amahoro, amahoro, amahoro. Cyanecyane k'umuturage usanzwe, ntakindi ab'agomba kwifuza, gusaba, no guharanira kitari amahoro.

Ntihazagire ukubeshya, ntamuntu utsinda intambara ubaho, yewe ntanuwayitsinze wabayeho. Igihe cyose ikiremwamuntu cyageze aho kirwana kimwe kikiyemeza kurimbura ikindi, burya impande zombi ziba zarangije gutsindwa. Kuko bidakwiye.

Indwanyi zikomeye zabayeho ndetse n'izizabaho, n'izitsinda zitarwanye, zidahombye. Ibyo bisaba ubuhanga buhanitse, kwihangana gukomeye, ubutwali bw'imena, ndetse n'urukundo nyarwo.

Gusa ntingire uwo nca intege ngo mubuze uburenganzira bwe avukana bwo kwirwanaho bibaye ngombwa. Igihe cyose uzacyeka, ukamenya, ukumva, cyangwa ukabona ko ubuzima bwawe, cyangwa ubwa benecyo bandi muhuje igihugu buri mukaga, cyangwa bugiye kugwa

mumage ntuzazuyaze, yewe ntuzanahumbye kabili utarakora ibyo ugomba gukora byose ngo wirinde, unarinde igihugu cyawe.

Gitatire Ugitabare

Umwanzi w'igihugu cyawe nagucika akagucaho akagitera, uzamenyeko ari wowe ugitanze. Uzahinde umuhindikiza, umuvugirize induru umwamagane umwandagaze uwo mutindi ntuzamuhishire yazakumaraho urubyaro.

Ubwirinzi bwiza buhendutse, kandi bworoshye n'ubushyirwaho mbere yuko bunacyenerwa. Kimwe nuko ubutabazi bwiza ar'ubuza buhagarika ikibazo kitaraba icyago. Niyo mpamvu ugomba kuba maso, ukab'amatwi, ukab'umunwa, ukanab'amaboko y'igihugu cyawe na benecyo bandi mugihuje.

Bivuzeko ntacyo igihugu cyabona benecyo batabanje kukibona, ntacyo igihugu cyakumva benecyo batabanje kucyumva, ntacyo igihugu cyakora benecyo batagikoze. Na cyera na kare, kirazira ntamunyarwanda ujya k'urugamba atabanje

gushaka intsinzi. Gushaka itsinzi, bisobanuye gushaka amakuru y'umwanzi mugiyeye guhangana, kugira ngo uzabone aho umenera umutera, kandi unamenye aho ugomba gukaza uburinzi aramutse akubanje.

Gushaka, gukusanya no gusobanura amakuru y'umwanzi mugiyeye guhangana cyangwa mushobora guhangana, nibyo byitwa 'gutata'. Iyo umaze kumenya ayo makuru ukayavanamo uburyo bwo kwitegura urugamba byo kurutsinda, cyangwa kurwirinda byo kutarutsindwa, nibyo byitwa "gutabara". Byombi hamwe bikitwa "gutata ugatabara".

Fatira Benecyo Iry' iburyo

Kuko benecyo aribo cyo, kubifuriza ineza, ishya n'ihirwe mubyo bakora byose, naho bagenda hose, bingana no kubyifuriza igihugu cyabo ari nacyo cyawe. Ibyiza byose ubifurije, uba unabyifurije igihugu cyabo ari nacyo cyawe. Umugisha ubahaye uba unawuhaye igihugu muhujye. Amahirwe ubahaye, ub'unayahaye igihugu muhujye. Urukundo

uberetse ub'unarukunze igihugu cyabo ari nacyo cyawe.

Uramutse uvumiye benecyo kugahera, ukabatega iminsi, ukabatera umwaku, waba unabigenje utyo kugihugu cyabo ari nacyo cyawe. Ikibi ubifurije, uba unakifurije igihugu cyabo ari nacyo cyawe. Akaga ubateje, ubunagateje igihugu cyabo ari nacyo cyawe. Urwango ubanga, ub'unarwanze igihugu muhujje. Kuko benecyo aribo cyo, nacyo kikaba bo.

Ibitera benecyo byose mubuzima bwabo bwite, bibabyanateye igihugu cyabo ari nacyo cyawe. Niyo mpamvu, usibye no kubafasha uko ushoboye kwose gucyemura ibibazo bahura nabyo, no kubifuriza kunesha ibyo bahanganye nabyo bakabitsinda, bingana no kubatabara.

Menya Abanzi Bacyo N'imatego Yabo, Uyitegure Amazi Atararenga Inkombe.

Ntiwahangana cyangwa ngo uhangare umwanzi utazi. Niyo waba ukomeye ute, ukora ibitangaza k'urugamba, ntacyo byamara utaramenya byimbitse ukwanga n'icyo aguhora.

Ushobora gutekereza ko ibyo ar'akazi k'ingabo z'igihugu. Gusa niba wibuka neza, igihugu ni wowe na benecyo mugihuje. None ubwo wa mbwira ute ko utifuzza kumenya abanzi bawe? Ntiwifuzza kumenya imitego bagutega? Ntiwifuzza kumenya niba iyo bakuvuze bavuga ukuli cyangwa ibinyoma? Nuko rero, ubwirinzi bwa mbere n'ubwo umuntu yihaye. N'igihugu cyawe nuko, uburinzi bwambere nubwo wagihaye wowe mwenecyo ufatanyije na benecyo bandi bose mugihuje.

Abanzi b'igihugu ninabo banzi ba benecyo mugihuje, n'abanzi bawe. Nk'uko kandi abanzi bawe, n'ababenecyo mugihuje ar'abanzi b'igihugu cyawe. Bityo, niwirinda uzaba ukirinze. Nurinda

benecyo, uzaba ukirinze. Niwitabara, uzaba ugitabaye. Nutabara benecyo, uzaba utabaye n'igihugu muhuje. Nutabara igihugu cyawe, uzaba witabaye, unatabaye benecyo mugihuje. Numenya abanzi bacyo, uzaba umenye abanzi bawe. Numenya n'abanzi ba benecyo muhuje igihugu, uzaba unamenye abanzi bacyo.

Imitego y'umwanzi wacyo iri ukubili;

Imitego ya mbere yumvikanira mumagambo mabi yuzuye ipfobya, isebanya, iyandagaza, agasuzuguro, n'ibinyoma bavuga igihugu cyangwa benecyo mugihuje. Umuntu uwo ari we wese ukuvuga nabi, cyangwa akavuga igihugu cyawe nabi, ab'ari kugusha abandi bose mumuteho wo kukwanga, cyangwa igihugu cyawe. Bityo, bikarangira bibahaye impamvu yo kuguhemukira, cyangwa guhemukira igihugu cyawe ntacyo bishisha.

Umuntu uzabumbura akanwa akuvuga amabi, akabikora aranguruye ijwi rye kugirango n'abandi bumve ibibi akuvuga kandi babyemere, uwo

mutindi nubishobora uzamuce mw'ijambo, umuvuguruze wivuye inyuma, ukore iyo bwabaga kugeza aruciye akarumira.

Amabi umwanzi azakuvuga, cyangwa akayavuga igihugu cyawe azatera abandi mwagakoranye mukazi, mwishoramali, mubukungu, mubahahirane, mubuzima busanzwe kutakwizera, kukwishisha, kukwigizayo no kubikwiza mubandi. Amaherezo, mugihe ntacyo ukoze ngo utangire amazi atararenga inkombe, wazisanga ubayeho wenyine, ntawe ushaka kukwegera. No kurwego rw'igihugu nuko.

Bityo, ukuvuga cyangwa akavuga igihugu cyawe nabi, n'umutindi n'umuhemu arakanyagwa zigahera. Ab'agiye kukwangiriza imibereho myiza yawe, n'ubushuti bwiza ufitanye n'abandi. Uwo uramumenye kandi kare, mubane umuzi, umwirinda. Uwo uramurwanye kandi kare, umutsinde hakibona.

Imitego ya kabili igaragarira mubikorwa bibi bakora bigamije guhungabanya umutekano, ubusugire, n'iterambere ry'igihugu cyangwa

benecyo. Umuntu wese wageze kurwego rwo gushyira mubikorwa ibibi agutekerezaho, abayarenze igaruriro. Abayabaye umwanzi weruye. Bityo, nawe ub'ugomba kumuhangara, ukamurwanya weruye muburyo bwose bushoboka.

Iyo mitego mitindi abanzi batega igihugu cyawe, bakanayitega benecyo mugihuje mumvugo no mubikorwa, ujj'ukora uko ushoboye kwose ishibukane banyirayo.

Ntuzatatire Igihango Cyawe Nacyo

Uvutse wese akaba mwenecyo, ahita agirana igihango nacyo cy'amahoro, ubumwe, ubwenge, iterambere, n'umutekano kandi agahita yacyira inshingano zo gushyira mungiro icyo gihango.

Uharanira amahoro, mbere na mbere arabanza akaba umunyamahoro, byibura wenda agakunda amahoro. Ntago washaka mubandi icyo nawe utifitemo. Ntiwasaba abandi icyo nawe udafite, udashobora gutanga. Ntiwategereza ko benecyo bandi muhujye igihugu baterimbere, mugihe wowe

wahaganye mw'isayo y'ubucyene. Cyangwa ngo wifuze ko bagir' ubumwe, mugihe wowe ugira amacakubili. Kimwe nuko utasaba umutekano abantu uri guteza akajagali n'akavuyo.

Amateka y'ibihugu bitandukanye agaragaza ko igituma bikomera gituruka kuri benebyo bakomera kugihango bagirana nabyo. icyo gihango kikaba ari nacyo kibatera imbaraga zo gukomeza gutezimbere ibihugu byabo, yaba mugihe cy'amakuba, cyangwa icy'amahoro.

Mur'ayo mateka kandi usanga ko ibihugu byaje gutsindwa bikazima bikazimira, byabaga byaturutse ahanini muri benebyo babaga batatiye igihango bafitanye nabyo. Bamwe bakagambana, abandi bakagurisha benewabo, abandi bakagihunga aho kugitabara.

Gikunde Ubigaragaze

Ntawurinda igihugu cye kuko abihemberwa, cyangwa kuko yabitegetswe, mwene uwo ntiyanakirinda ngo bishoboke. Iyo umwanzi ateye

bene uwo amugeraho vuba akanamucamo byoroshye. Ariko iyo ukunda igihugu cyawe bose babizi, bose babibona, bose bakumva uburyo ukivuga neza, biragoye ko hagira ugutinyuka ashaka gukucamo ngo agihemukire.

Umwanzi w'igihugu iyo ageze kuri mwenecyo ugikunda akanabigaragaza, umutima we urikanga, agashyubwoba, agatangira kujijinganya no kwibaza niba ibibi bye bitazamugaruka. Kumenya gusa ko ukunda igihugu cyawe, bitera umwanzi wacyo ubwoba akaguhunga, yanakwegera akaza yikandagira.

Urinda igihugu cye abikora kuko azi neza ko ariwe uri kwirinda, ko ar'abe akunda ari kurinda, ko ari ibye atunze, ari kurinda. Utabitekereza atyo, nta mbaraga yagira zatuma ahangana n'ibitero by'abanzi b'igihugu cye umunsi k'uwundi.

Umwanzi wacyo akigukubita amaso, agomba guhita akubonamo inzitizi ikomeye, agomba kubona uri ikibaya kinini cy'umwijima agomba kunyuramo mbere yo kugera ku gihugu cyawe.

Bitabaye ibyo, wajya ubera abanzi bacyo ikiraro bambukiraho bakakigabaho ibitero.

Rinda Imipaka Yacyo Yombi;
Umutima n'Ibitekerezo Bya
Benecyo.

Imipaka y'igihugu cyawe ir'ukubiri; hari ya yindi ishushanywa n'abantu kugirango batandukanye imbibi zemewe z'agace kamwe n'akandi. Iyo siyo mipaka mvuga, ndavuga ya yindi ikomeye kuruta imbibi z'ubutaka. Ya yindi umwanzi acamo ajya kugitera ntaruhuke atayigaruriye.

Imipaka ya mwamba y'igihugu n'imitima n'ibitekerezo bya benecyo. N'umutima n'ibitekerezo bya mwenecyo. Iyi niyo mipaka ugomba kurinda. Iyi niyo mipaka ugomba kurarira ironde. Kuko umwanzi nakuganza aho, mumutima no mubitekerezo byawe azaba yarwinjiye kare kandi atarashe.

Byanga bikunda, uteye aturutse hanze ab'agomba guca mu bar'imbere. Amarembo y'igihugu ntawundi

wayacyingura cyangwa ngo ayacyinge atari benecyo.

Kuko igihugu ari benecyo, n'ukuvuga ko aho benecyo bari hose nacyo kiba kihashize imizi. Bityo, ugomba kukirarira izamu mubuzima bwawe bwa buri muni. Ukazirikana yuko ntusinziraho gacye umwanzi akagucaho, cyangwa akagucamo akagutera, cyangwa agatera benecyo bandi mugihuje, uzaba ugitanze.

Nta mujugujugu ugutewe ugomba kukugeraho, kandi ntukihutire gukwepa utawuhagaritse kuko ushobora guhitana benecyo bandi mugihuje bakuri inyuma. N'indi mijugujugu yose itewe benecyo muhujye igihugu uba ugomba kubafasha kuyihagarika itarabahungabanya, kuko yabagezeho nawe yaba yakugezeho, n'igihugu cyanyu.

Umwanzi ushaka gutera igihugu cyawe abanza gutera ibitekerezo n'umutima wawe, ndetse n'uwa benecyo bandi mugihuje. Atera imijugujugu y'ibinyoma bigoreka amateka yawe, bihindanya isura yawe mubandi, byibagiza abandi ibigwi byiza

byawe, byibutsa abandi intege nke zawe, cyangwa bituma abandi bakwanga urunuka bakakwishisha.

Atera imijugujugu yangiza umuco wawe, kuko abazi neza ko agahugu katagira umuco gacika. Atera imijugujugu igutesha intego wiyemeje kugeraho ikakuyobya, ikagutera ubunembwe ugasigara inyuma mu majyambere.

Iyo abishoboye, umwanzi anagutera imijugujugu gutera kwiyangwa, kwigaya, kutanyurwa n'uko uri we, kutiyumvamo benecyo bandi muhujwe igihugu, no kubanga. Amacakubili n'uko yatangiye mubanyarwanda, yaje ari ibitero by'imijugujugu y'ibinyoma, iterwa benecyo kugirango bigarurire imitima n'ibitekerezo byabo aribyo mipaka ya mwamba y'igihugu cyabo.

Irinde k'uburyo nta mwanzi wacyo wagitera aguciyemo. Uzirikane ko ikibi cya guturukaho, cyangwa icy'umwanzi ya gucishamo cyose kibanza kukugutera mubitekerezo, iyo kigutsinze mubitekerezo kikwigabiza mumagambo, cya gutsinda naho kikagutera mubikorwa.

Kuri buri cyiciro uba uri k'urugamba, ni koko kandi uba wawe. Uko ukomeza gutsindwa kur'iby byiciro byose, niko igihugu cyawe kiba kiri kwinjirwa, no gutsindwa.

Umwanzi mubi n'uwakugezemo, akakwinjirira akagusesera akagucengera, uwo aba yakurangije niyo waba ukomeye ute ntuba ukimubashije. Iyo uwo mwanzi abashije gucengera muri benecyo benshi n'igihugu cyabo abayarangije kukinjira, amazi aba ari hafi kurenga inkombe.

Rero, niba ushaka kurinda igihugu cyawe, rinda ubwonko bwawe n'ubwa benecyo bandi mugihuje ibitekerezo bibi, urinde akanwa kawe amagambo mabi, urinde amaboko yawe ibikorwa bibi, ndetse byisumbuyeho unarinde umutima wawe amarangamutima mabi cyanecyane yayandi atiza umwanzi umurindi.

Kirinde Urugomo

Kuba abantu batavuga rumwe ubwabyo s'ikibazo. Iyi si yuzuyemo amako menshi y'abantu avuga indimi ibihumbi n'ibihumbi. Ariko ibyo ntibabubuza kubana, no kubahana. Cyane ko ushobora no gusanga mu muryango umwe, harimo abavandimwe bavuga indimi abandi batumva bitewe n'aho bavukiye, aho banyuze cyangwa aho bakuriye.

Ku rwego rw'igihugu, mumiyoborere yacyo, benecyo bose bagomba kuvuga rumwe. N'ukuvuga ko bagomba gutahiriza umugozi umwe w'iterambere n'imiberereho myiza ya benecyo bose. Aho bamwe batandukanira n'abandi ni muri gahunda z'iterambere zishyirwaho n'uburyo zishyirwa mubikorwa, wenda bamwe bakumva hari ibigomba kwihutishwa kuruta ibindi, mugihe abandi babibona ukundi.

Uko kutabona ibintu kimwe nabyo ubwabyo ntacyo bitwaye, ahubwo ni byiza cyane. Ikigenzi n'uko izo mpaka benecyo bajya zishirira mubiganiro,

mubwubahane n'ubwuzuzanye kunyungu rusange z'igihugu bahuje.

Mubiganiro by'imiyoborere y'igihugu cyabo, benecyo bose bagomba gucisha macye, bakagerageza kurebera ibintu mumboni rusange ishyira inyungu z'igihugu cyabo imbere, ndetse bagafashanya kumvikana aho batabona ibintu kimwe.

Gutekereza ko benecyo bose bagomba kumva ibintu kimwe, bose bakabona ibintu bimwe, bose bagakora ibintu kimwe icyarimwe, n'ukwibeshya. Ntibishoboka. Yewe, sina byiza.

Ubudasa busana ubuzima. Kuba igihugu kirimo benecyo bazi ibintu bidasa, bakora ibintu bidasa, bumva ibintu muburyo budasa nibyo bivamo ibitekerezo, n'imishinga myinshi inyuranye kandi icyenewe mw'iterambere ry'igihugu cyabo.

Gusenyerera umugozi umwe ntibivuze gutahiriza mw'ishyamba rimwe. Ikingenzi n'ubwo bumwe, ubwo bwuzuzanye, uko kumvikana, kubahana,

kwizerana no kuzirikana ko igihugu ari twe twese kandi ko ibyo twakikora byose, twavamo umwe twashira.

Ntakintu na kimwe cyatuma abashaka kujya k'ubuyobozi bw'igihugu bateza akaduruvayo, urugomo, n'akavuyo muri benecyo. Ntakuntu wahemukira uwo ushaka kuyobora, ahubw'ubwo waba ushaka kumuyobya. Ntakuntu wakangiza imitungo, n'imibereho myiza y'abo ushaka kuyobora kandi ngo ube ugikwiriye ikizere. Ubwo uba wahindutse umwanzi, cyangwa wabaye igikoresho cy'abanzi bacyo.

Umuntu abaturage bagomba gutega amatwi, bakamwumva, bakamubona bakamwizera, n'umuyobozi uzatunguka yitwaje ibitiyo n'umucanga wo kubaka amashuri meza, ni uzatunguka yitwaje amasuka n'imbutu nziza zo kubiba zikazasarurwamo ibiribwa bihaza benecyo, n'uzatungukana ibisubizo birambye igihugu gikeneye yemera gufatanya n'abandi bose m'ubumwe, ubwenge, urukundo n'umurava.

Ntandarimwe benecyo bashaka kujya k'ubuyobozi bwacyo bagomba gutera igihugu cyabo. No ku italiki 1, ukwakira 1990, Inkotanyi ntizari zateye igihugu, ahubwo zari zitabaye igihugu. Zari ziteye abanyamahanga bari baracyigaruriye kuva mugihe cy'ubukoloni, zari ziteye ikibazo cy'amacakubili yari ateje akaga mubanyarwanda nyamara ashyigikiwe n'abakoreshwaga bakanakorana n'abatindi b'abakoloni.

Igihe cyose abatavuga rumwe n'ubuyobozi buriho bazatunguka bahutaza abaturage b'igihugu, bakabateramo ibisasu, bakanyaga ibiribwa n'amatungo yabo, abandi bakabajyana bugwate bitwikiriye ijoro, abo baragatsindwa n'Imana y'Irlanda. N'abagome, n'abahanya, n'abatindi muje mubavumira kugahera.

Sakwe Sakwe:

uri cyo, na cyo ni wowe?

'Nguhize ubumwe, urukundo, ubwenge, iterambere,
n'ubutwali murwakubyaye.' Gicaniro I

Imigereka

1. Inzozo z'Urwanda

Inzego y'Urwanda ni uguhamya intego nziza zose z'abanyarwanda. Bityo, inzozo z'Urwanda zibumbatiye hamwe inzozo nziza zose z'abanyarwanda. Inzozo z'Urwanda zirota umunyarwanda uhambaye, igihangange cyuje imbaraga n'ubwenge, ibyishimo n'urukundo, ubupfura n'amahoro, ubuzima buzira umuze, ishuti nzinza n'umuryango, ubutunzi n'iterambere muri byose.

Inzozo z'urwanda zishingiye muri birashoboka. Birashoboka ko umunyarwanda wese, aho yaba atuye hose mugihugu yaba mumujyi cyangwa mucyaro, hafi y'umuhanda cyangwa kure y'awo, yarameze imvi, akiri ingimbi cyangwa umwangavu, yaba yarubatse urugo abyaye gatatu cyangwa akiri ingaragu, yaba yarize akaminuza cyangwa ataranakandagira k'umarembo yishuli ashobora

kurota inzosi zo gukira agater'imbere kandi akazikabya.

Murwanda birashoboka ko ntakure umunyarwanda atava, ntanakure umunyarwanda atagera yabishatse, yabikunze, yabiharaniye yanabikoreye.

Birashoboka ko umunyarwanda wese ufite inyota n'ubushake bwo gukira agatera imbere ntacyamuhagarika cyangwa ngo kimutambamire igihe cyose ntabandi ari guhutaza cyangwa ngo abuze gukabya izabo nzozi.

Inzosi z'urwanda zirota igihugu cyuzuyemo amahirwe y'iterambere kubaturarwanda bose, igihugu cyishimira kikanogeza abanyarwanda bose mubyiza byose bakora. Igihugu gitiza umurindi, kigaharurira amayira menshi benecyo banyura ngo bakabye inzosi zabo.

Inzosi z'urwanda zirota umunyarwanda wese abyaza impano ye umusaruro, ikamugirira akamaro n'igihugu cye muri rusange. Impano murwanda n'igishoro, ubumenyi n'igishoro, umurava

n'igishoro, ubwenge n'igishoro, inshuti n'igishoro, umuryango mwiza n'igishoro, gusabana n'igishoro, igihugu gitekanye n'igishoro, ubuzima bwiza n'igishoro.

Ngizo inzosi z'urwanda.

Inzosi z'Umunyarwanda

Inzosi z'umunyarwanda n'ugukabya inzosi z'urwanda. Aribyo gukabya inzosi ze bwite no gafasha benecyo bandi bahuje igihugu gukabya izabo nzozi.

Inzosi z'umunyarwanda zimutera kwifuza kubaho neza, atunze atunganiwe kandi atekanye. Zimutera kwiyumvamo ubuhangange bumutera imbaraga zo kwihitiramo intego ashaka kugeraho kandi akazigeraho. Zimutera kubaho murwanda ntacyo yishisha, ntawe yishisha kuko ntawe ushobora kumubangamira cyangwa ngo amutambamire ngo bimugwe amahoro. Zimutera kumenya impano ze no kuzibyaza umusaruro. Inzosi z'umunyarwanda

zimutera kubaho mugihugu cyeye yishimye aryohewe n'ubuzima.

Ntacyenewabo cyabuza umunyarwanda kubona akazi ashoboye yifuza, ntaruswa yamubuza gutangiza umushinga we ugatera imbere ukagera aho yifuza. Ntamategeko yamuca intege ngo amubuzize inyuma mubikorwa bye byunguka. Ntamuntu numwe wamuhagarara imbere ngo amubuza gutambuka cyangwa kwihuta ngo agere ku ntezo ze nziza zimufitiye akamaro. Kuko Urwanda rugamije iterambere ryihuse kandi rirambye.

Ngizo inzozo z'umunyarwanda.

2. Nd' Umunyarwanda

Ntabwoko murwanda bwaruta ubunyarwanda. Ntibwabayeho, ntibuzigera bunabaho. Ntihazagire ukubeshya cyangwa ngo nawe wishuke utekereze ko hari ikindi wakiyita kigasimbura ubunyarwanda akaba aricyo gituma utera imbere ukabaho neza. Ntacyo.

Kuko urwanda nyirarwo agomba kuba ari umunyarwanda. Bitabaye ibyo, ubwo narwo ntirwaba rukirirwo. Urwanda.

Ntabakono bazaza ngo bahindure urwanda urwabo gusa. Ntibishoboka. Uko gushaka kwigarurira urwanda rukaba urwa bamwe bihita bikuraho urwanda rukazima. Kandi ntibishoboka.

Ntibishoboka kuko iyo bigenze bityo, urwanda rukigarurirwa na bamwe bakarugira urwabo gusa, hahita havuka abatabazi bakarugaruza umuheto kandi ntibajya batsindwa. Ntibishoboka.

Icyabikwemeza nuko igihe cyose cy'ubukoloni na nyuma yaho, igice kimwe cy'abanyarwanda cyarahejwe kigizwayo, burya ya Mana y'irwanda imwe yirirwa ahandi ikarutahamo, ntiyari igitaha.

Kuko imana ntiyataha mugihugu kirimo amacakubili, akarengane, ubuhemu, urwango amarira n'agahinda bya benecyo.

Nuko ya Mana y'irwanda yahagurukije inkotanyi iziremamo intego ngali yo kubohora urwanda rugasubirana rugasubira rugasubukura umutima rukaba igihangange ahantu Imana ishobora gutaha.

Nuko na Ruganzu ndoli yigize umugaragu ari umwami, aratata ararutabara. Ubwo bwenge, ubwo butwali, butangwa na ya Mana y'irwanda iba ishaka gutaha mugihugu cyiza buri joro.

Kuba umunyarwanda ubwabyo birahambaye, ntabundi bwoko bwanganya nabyo. Kuko Imana y'irwanda ari Imana y'abanyarwanda gusa. Rero, urakunde ube umunyarwanda gusa, kugirango na

ya Mana y'irwanda ikunde igukundire ube
murwanda amahoro. Ur' umunyarwanda gusa.

3. Kwiman' Urwanda

Uwiman'urwanda yimana umuryango, akimana ubushuti, akimana benecyo bandi bahuje igihugu. Yimana urukundo, yimana ubumwe, yimana amahoro, yimana umuco mwiza, yimana icyizere, yimana umutekano w'urwanda, akaniyimana ubwe.

Uwiman'urwanda ntagurisha ntagura amagara amagana, ntagurana amata itabi. Kirazira.

Iman'umutekano w'Urwanda

Umutekano n'ingenzi kuko ariwo shingiro ry'imibereho yindi yose ya benecyo mugihugu cyabo. Iyo udahari, ibindi byose biburizwamo, umuntu akibanda kucyatuma arokoka akaramuka.

Niyo mpamvu ahantu hari umutekano mucye hadashobora gutera imbere, abantu baho ntibashobora kubana neza. Imibanire mibi yabo ikadindiza iterambere ryabo, kuko nta benecyo bashobora guterimbere badakorana, batumvikana, badacana uwaka..

Iman'ubumwe bw'abanyarwanda

Igihugu, kabone nubwo ntamwanzu wakure cyaba gifite, iyo benecyo bifitemo umwiryane n'amacakubili bingana no guterwa n'umwanzu wa kure. N'ubundi abantu barongera bagasubira muri bwa buzima busa n'uburimo intambara. Ibindi byiza byose bikaburizwamo imbere yo kurokoka no kuramuka.

Ahantu hatari ubumwe kabone nubwo nta ntambara yeruye yaba irikuhabera, ntamasasu ari kuhavugira, abantu babayeho muri ubwo buzima batangira guterekereza no kwitwara nk'abari muntambara. Batangira kwishisha benecyo bandi bahuje igihugu, bakababonamo abanzi. Ndetse bikarenga bikaba ishyano, bamwe bagatangira gushaka uburyo bakicyiza abo banzi babo. Ngako akaga.

Iman'umuco mwiza w'abanyarwanda

Igihugu kitagira umuco mwiza ukiranga, ukiyobora, ukibera ishingiro ry'imibereho myiza ya benecyo, ntigishobora gukomera, ntigishobora kwigenga, ntigishobora kurya kumbuto z'iterambere ryacyo kabone nubwo cyaba cyarigezeho.

Umuco mwiza w'igihugu niwo ugena imyitwarire y'abantu mumuryango mugali, ndetse no mumiryango mito yabo. Niyo mpamvu ugomba kuba uhari, uzwi, uganje kandi wubashywe.

Iman'ubutunzi n'iterambere by'urwanda

Kuba igihugu cyifitemo ubutunzi bwingeli zose, yaba ubusangwa mubutaka, mu mazi no mucyirere, cyangwa ubw'abantu ubwabo bifitemo nk'impano, ubwenge, n'ubumenyi, ntakamaro byagira ubwo butunzi butarinzwe ba rusahurira munduru cyanecyane abavamahanga.

Kurinda ubusugire bw'igihugu birimo no kurinda ubutunzi bwose bwacyo, Yaba ubushibuka

mubutaka bw'igihugu cyabo, cyangwa ubushibuka muribo ubwabo.

Hari ibihugu usangamo ubutunzi buri kurwego rwo hejuru, ariko ugasanga benebyo babayeho nabi, bifuza gusogongera kubyo babonesha amaso ariko badashobora gukozaho intoki. Bene iryo terambere riheza benecyo, rikungukira abandi bose uretse bo riragatsindwa n'Imana y'Irwannda. Ntirikabe ino.

Iman'ubwigenge bw'Urwanda

Ntamunyarwanda, yaba umukuru cyangwa umuto, umuturage cyangwa umuyobozi, ugomba na rimwe kwemera gutegekwa n'abandi bantu b'ahandi hantu ngo akurikize amabwiriza, amategeko, n'ibyufuzo byabo yirengagije ibyo ashaka, acyeneye, akwiriye, yanihitiyemo ashingiye kubifitiye igihugu cye nawe akamaro.

4. Inzira Yawe y'Iterambere

Gutera imbere birashoboka k'umuntu wese ubishaka. Igihe bitwara umuntu ngo atere imbere giterwa nuko yitwaye mw'iterambere rye. Hari imyitwarire iboneye ya gufasha gutera imbere byoroshye kandi byihuse. Iyo uyifite utinzwa no gutangira urwo rugendo gusa.

Higa imihigo. Kwiha intego biguha icyerecyezo uganamo ndetse bikagutera imbaraga zo kutayobera mubindi bintu bidafite aho bihuriye n'ibyo ushaka kugeraho. Intego ziteye ukwinshi; harimo iz'igihe kirekire, nk'imyaka icumi ir'imbere, cyangwa nka ya yindi y'umwana agira ati; “*ninkura nzaba iki*”. Hari n'intego z'igihe gito. Ut; “uy'umwaka nza zigama ibihumbi ijana”. Cyangwa, ‘*nzagura inka yo korora*’. Cyangwa, ‘*nzatangira ubucuruzi burenga imipaka mu mezi abili ari imbere*”.

Imihigo yawe igizwe n'ibyo wifuza kugeraho niyo ikubwira intego ugomba kwiha iz'arizo, ingano yazo, n'igihe bizagutwara ngo uzigereho.

Bana neza n’abandi. Abandi bantu nibo batubera abakiliya, nibo batubera abafatanya bikorwa, nibo batubera abaterankunga, bakatubera inshuti ducyenera mubuzima bwa buri muni. Ntakintu wakora ugamije iterambere kidafite aho gihuriye n’abandi bantu. Niyo mpamvu kubana neza n’abantu bose bikwongerera amahirwe n’amaboko agufasha gutera imbere vuba.

Ntukarye imbuto. Kwizigamira nta kibiruta, bigutera kwigira bikagutiza imbaraga mugihe abandi bumwe bateze amaboko bategereje akimuhana. Amafaranga yose ukoreye macye cyangwa menshi, ujye ugira ayo usagura uyabike kuruhande. Kandi ubikorane intego, wihe ingano ugomba kuzigama n’igihe bizagutwara, ndetse, uvuge n’icyo uzayakoresha amaze kugwira.

Shora imali. Gushora imali n’ugufata amafaranga ufite yaba menshi cyangwa macye, ukayashyira mubucuruzi cyangwa ibindi bikorwa byunguka nkabwo, ugamije kuyasigasira, no kuyabyazamo inyungu itubutse mugihe gito gishoboka. Ushora imali yirinda gushyira amafaranga ye mubintu

byatuma ahomba, ndetse, akanirinda kuyashora mubintu bifite amahirwe macye yo kumwungukira

.
Baho neza. Kwishima mubuzima, kwisanzura byo kudahorana umuhangayiko, kurya neza, kugira inshuti nziza no gusabana nazo, biri muby'ingenzi bigutera ubuzima bwiza. Ubuzima bwiza nibwo shingiro y'iterambere ryawe. Ntacyo kwizigamira cyangwa gushora imali bya kumarira nta buzima bwiza ufite.

Umwanditsi



Gicaniro I, n’umwe mubanditsi bakomeye mu Rwanda, ndetse no muy’andi mahanga. Afite ubuhanga buhanitse mubuvanganzo bujyanye n’imitekerereze, ndetse n’imibereho ya muntu.

Gicaniro I, afite icyiciro cya mbere cya kaminuza yavanye muri kaminuza ya ‘Mount Kenya University’ mu masomo ajyanye n’ubuyobozi, ndetse n’imibereho myiza y’abantu.

Amaze kwandika ibitabo bigera kuri 7, akaba yaranashinze imbuga 2 zikorera kuri murandasi: <https://nipepesa.com/> na <https://yeweyewe.com/>

Gicaniro I, amaze kugera ku migabane 4 ku isi.

Wa mwandikira ubutumwa kuri; gicaniro@nipepesa.com

